# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-6 | TARIKI 25-31 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Imvaho Nshya Siporo

APR FC yatsinze Vision FC igarura icyizere ku Gikombe cya Shampiyona


AMAKURU

Minisitiri Dr Nsanzimana yagaragaje ingamba zafasha guteza imbere imyigire y'ubuvuzi 2



AMAKURU

Perezida Kagame azitabira Inama ku ikoreshwa rya AI muri Afurika 4



AMAKURU

Kigali: Ivugurura ry'amasangano atatu rizatwara miliyari 140Frw 10



MU NTARA

Rutsiro: Ikiraro cya Rwishywa gihuza Imirenge 2 cyahagaritse ubuhahirane 15






Mufti w'u Rwanda Sheikh Musa Sindayigaya, yashimiye Imana ikomeje guha u Rwanda umutekano

# Nta waryoherwa n'amafunguro ari mu ntambara-Mufti w'u Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Ubwo Abayisilamu basozaga ukwezi gutagatifu kw'igisibo cya Ramadhan ku Cyumweru tariki 30 Wururwe 2025, Mufti w'u Rwanda Sheikh Sindayigaya Musa, yashimye Imana ku ngabire y'amahoro n'umutekano yahaye u Rwanda igisibo kikaba cyaragenze neza.***

Sheikh Sindayigaya yagaragaje ko iyo hari umutekano ari bwo abantu bakora bakagwiza ubukungu bigatuma baryoherwa n'amafunguro kuko nta watuza ari mu ntambara.

Ati: "Iyo umutekano uhari bwa bukungu na ya mafunguro na bwa bukire ni bwo bituryohera kuko nta waryoherwa n'amafunguro ari munsi y'ntambara ari munsi y'amasasu. Ubwo bukungu ntacyo bwamara nta n'uburyohe wagira n'iyo mpamvu intumwa y'Imana Ibrahim yabanje gusaba ingabire y'umutekano."

Yongeyeho ko abantu bashora imari iyo hari amahoro bagakora batuje ntacyo bikanga bagashinga inganda bityo bagakungahara.

KOMEZA KU RUP.3

## Agahinda k'abavutse kuri FDLR bagakurira mu mashyamba ya Congo

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bavukiye mu mashyamba ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bakura bazi ko ari bwo buzima bubakwiriye, mu gihe bagitegereje gushyira mu bikorwa ibyo bigishijwe bakiri ku ibere ko u Rwanda nka gakondo yabo rwanyazwe n'abashaka kubica.***

KOMEZA KU RUP.3

## 2024-2029: U Rwanda ruzongera ingano y'ibyoherezwa hanze kuri 13% buri mwaka



URUP.2

## Imbere y'Akanama ka Loni, u Rwanda rwanenze MONUSCO yananiwe inshingano



URUP.5

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# 2024-2029: U Rwanda ruzongera ingano y'ibyoherezwa hanze kuri 13% buri mwaka

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yatangaje ko Guverinoma y'u Rwanda ifite intego yo kongera ingano y'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga nibura ku mpuzandengo ya 13% buri mwaka.***

Ni muri gahunda yo kwihutisha iterambere y'imyaka itanu (NST2) yo kuva mu 2025-2029, aho umusaruro uzikuba nibura 2, ukava kuri miliyari 3,5 z'amadolari y'Amerika ugere kuri 7,3$ mu 2029.

Dr Ngirente yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 28 Werurwe 2025, ubwo yagezaga ikiganiro ku Nteko Inshinga Amategeko, imitwe yombi, cyibandaga ku kongera umusaruro w'inganda n'ibyoherezwa mu mahanga hagamijwe iterambere rirambye ry'ubukungu.

Yagize ati: "Kimwe mu bizadufasha kongera ubukungu harimo kongera umusaruro w'inganda kuko ari bimwe mu bituma ubukungu butera imbere. Intego dufite ni iyo kongera ingano ku mpuzandengo ya 13% ni byo twifuza nk'Abanyarwanda dukoreye hamwe".

Dr Ngirente yavuze ko kugira ngo iyo ntego igerweho hazashyirwa imbaraga mu kongera ubwinshi n'agaciro k'ibicuruzwa bitandukanye byoherezwa mu mahanga, kongera umusaruro w'inganda no kuzamura urwego rw'ubukerarugendo.

Depite Ntezimana Jean Claude yasabye ko hashyirwaho ingamba z'uko ubuhinzi bukorwa hadategerejwe imvura gusa hakongerwa uburyo bwo guteza imbere ibikorwa byo kuhira mu buryo no mu mpeshyi abantu babasha guhinga kandi bakeza.



**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yagaragaje ko ubukungu bw'u Rwanda buzazamuka kuri 13%**

Yashimangiye ko umusaruro w'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga uzakomeza kwiyongera mu gihe ubuhinzi buzatuma umusaruro w'ibyohereza mu mahanga wiyongera.

Imibare yagaragajwe na Dr Ngirente yashyizwe ahagaragara n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) igaragaza ko ubukungu bw'Isi bwazamutse, ku mpuzandego ya 3,2% mu 2024, bikaba biteganyijwe ko buziyongera ku mpuzandengo ya 3,3% mu 2025.

Ibihugu byateye imbere ubukungu bwazamutse kuri 1,7% mu 2025 rizagera kuri 1,9%.

Ibihugu biri mu nzira y'amajyambere ubukungu bwabyo mu 2024 bwazamutse ku kigero cya 4,2% biteganyijwe ko mu 2025 buzaguma kuri icyo kigero.

Umugabane wa Afurika mu 2024, ubukungu bwazamutseho 3,8% noneho bukazazamukaho 4,2% mu 2025.

Muri Afurika y'Iburasirazuba (EAC) mu 2024 izamuka ry'ubukungu ryageza ku gipimo cya 5,4%, biteganyijwe ko riziyongera kuri 5,9% mu 2025.

Iyo raporo kandi igaragaza ko ku rwego rw'Isi, ibiciro ku bicuruzwa bikomeza kumanuka, kuko mu 2022 byari ku 8,7% bigera kuri 5,7% mu 2024, bikaba biteganyijwe ko bizamanuka bikagera kuri 4,2% mu 2025.

# Minisitiri Dr Nsanzimana yagaragaje ingamba zafasha guteza imbere imyigire y'ubuvuzi



**Minisitiri w'Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin**

**KAMALIZA Agnes**

**Umugabane wa Afurika usanga igihe ari iki cyo guhindura imyigire y'ubuvuzi hakaba umwihariko utuma bishakamo ibisubizo bigamije guhangana n'ubwiyongere bw'indwara zitandura n'iz'ibyorezo zisukiranya ku mugabane umunsi ku wundi.**

Bikubiye mu byagarutsweho kuri uyu wa 24 Werurwe 2025, mu nama y'iminsi ibiri i Kigali yiga ku bijyanye no guteza imbere imyigire y'ubuvuzi muri Afurika.

Minisiteri y'Ubuzima y'u Rwanda MINISANTE, yagaragaje ko uburezi mu buvuzi ari ngombwa kuko indwara zitandura zitamenyerewe zikomeza kwiyongera zirimo; kanseri, impyiko, umutima n'izindi kandi zihitana benshi ku mugabane.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin avuga ko bishoboka ko imikorere ihinduka ibitaro bikaba byahinduka amashuri ntihabe ba Dr. b'amashuri na ba Dr. b'ibitaro n'amavuriro ahubwo bigakorwa byombi.

Yagize ati: "Ese kuki kwa muganga batahahindura aho kwigishirizwa akaba ari ho bakorera? Ibitaro twabihindura nk'ishuri abanyeshuri bakamara umwanya wabo ku bitaro. Reka ntitugire abaganga bo ku mashuri n'abaganga bo ku bitaro ahubwo tugire ababikora byombi."

Yagaragaje ko uburezi mu buvuzi ari ibitagibwaho impaka kuko n'indwara zigenda zihindagurika bitewe n'ibihe nk'aho hari hamenyerewe indwara nka Maraliya cyangwa Virusi itera SIDA.

Avuga ko indwara nyinshi ziri ku mugabane nta myaka irenga icumi zadutse ariko nanone zagiye zimenyekana bitewe n'uko abantu bagiye baramba kandi bagasobanukirwa kwivuza icyo ari cyo bitandukanye no mu myaka yo ha mbere.

Minisitiri Dr. Sabin yasabye abari muri uwo mwuga gukora nk'abikorera kuko bakorera ababo.

Ati: "Dukwiye guhindura kuko ni twe twikorera kuko turakorera abaturage bacu."

Umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima muri Afurika, Dr Chikwe Ihekweazu, avuga ko nubwo hari icyuho cy'abaganga ku mugabane ariko ari umwanya mwiza wo gutekereza uburyo umubare wabo wakwiyongera ku mugabane.

Imibare igaragaza ko Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara yihariye 25% by'indwara zigaragara ku Isi yose, mu gihe ifite gusa 3% by'abaganga bari ku Isi.

Mu mwaka wa 2030 Afurika izaba ikeneye nibura abaganga barenga miliyoni 6 cyane cyane mu bice by'ibyaro harimo abaganga, abaforomo n'abandi bakozi bo kwa muganga.

OMS igaragaza ko impuzandengo y'umugabane habarwa abaganga 0.3 kugeza 0.5 bita ku barwayi 1 000, akaba ari umubare uri hasi cyane ugereranyije n'ibipimo aho nibura abaganga 4.45 ari bagombye kuba bita ku barwayi 1,000.





# Nta waryoherwa n'amafunguro ari mu ntambara-Mufti w'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagaragaje ko umutekano ufite agaciro katagereranywa kuko intumwa y'Imana yanganishinije uwufite nk'ufite Isi mu biganza bye.

Ati: "Kubera agaciro k'umutekano umuntu utekanye mu bye n'abe; afite ubuzima bwiza uwo nguwo intumwa y'Imana yamunganyije n'umuntu ufite Isi yose n'ubukungu bwose mu biganza bye. Iyo umutekano uhari ni bwo abantu bakora, ni bwo ubukungu buboneka, ni bwo amafunguro aboneka kuko abantu barakora bagashora imari, bagashinga inganda ubukungu bukaboneka bakaryoherwa n'amafunguro."

Yashimangiye ko abantu bakwiye kunga ubumwe bakimakaza ubuvandimwe bagahuza kuko Imana isaba abantu gufatana urunana bakirinda gutana no kuryana.

Yasabye abantu kwirinda icyabatanya kuko bitanga icyuho cyo gutsindwa, mu gihe abashyize hamwe ntacyapfa kubananira.

Yagize ati: "Imana yadutegetse gushyira hamwe no guhuza umugambi wacu tugakorera hamwe tukishyira hamwe nk'abemera Mana kuko Imana ivuga iti, mufatane urunana ku mugozi w'Imana muramenye ntimuzatatane kandi ntimuzaryane."

Sheikh Sindayigaya Musa yasabye Abayisilamu gukomeza kurangwa n'ibikorwa by'urukundo na nyuma y'igisibo bagafasha, bakubaha Imana kuko ngo ntacyo byaba bimaze kuyubaha ukwezi kumwe gusa andi asigaye bakajya mu byaha.

Yabasabye kwirinda kwigomeka no gusuzugura ahubwo bagakomeza inzira zayo no kubaha amategeko yayo.

Mu mezi 10 ashize ashize ubwo Abayisalamu bateguraga igenamigambi ry'imyaka itanu rizibanda ku gukemura ibibazo byagaragajwe, hamaze gutangwa asaga miliyoni 12 yakoreshejwe mu gufasha Abayisilamu bafite ibibazo bitandukanye.

Urubyiruko rwafashijwe kubona amashuri, amashyirahamwe y'Abayisilamukazi atatu yahawe igishoro kibafasha kwiteza imbere mu gihe abafite ubumuga basaga 30 barimo gufashwa kwiga imyuga.

Nanone kandi imisigiti 178 muri 329 yari yarafunzwe yamaze kuzuzuza ibisabwa ibikorwa byo gufungurirwa na byo bikaba biri mu nzira.

# Agahinda k'abavutse kuri FDLR bagakurira mu mashyamba ya Congo

IBIKURIKIRA URUP.1

Imikurire nk'iyo yatumye bahembera urwango ku Banyarwanda babwiwe mu nkuru gusa, barahirira kurwana bakiri bato ngo bazivune umwanzi babwiwe ko ari we wabambuye uburenganzira ku Rwanda, kugeza barugezemo bagasanga ibyo babwiye byose byari ikinyuranyo cy'ukuri bahasanze.

Abo basore n'inkumi bavuga ko bahombye byinshi uhereye ku burenganzira bwo kwiga no kuvurwa nk'abandi bana, ahubwo bakaba barisanze barwana mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR babwirwaga ko ari wo mahirwe yo 'kwambura Igihugu Abatutsi.'

Cyiza Olivier uvuka ku babyeyi bakomoka mu Murenge wa Kabatwa, Akarere ka Nyabihu, yabwiye Imvaho Nshya ko uretse kwiga ikindi gihombo afite ari uko atahawe ubuvuzi buboneye no kuba atarakingiwe.

Yagize ati: "Njye navukiye muri Congo, nkura ndi umwana ufite ibibazo by'ubuzima kuko umwana wavukiye mu Rwanda yahawe inkingo zose, twe twavukiye mu mbeho, ntabwo twize."

Yavuze ko ku myaka 27 afite uyu munsi, yamenye gusoma no kwandika inyuguti zimwe na zimwe ari uko ageze mu Kigo gitangirwamo amasomo yo Gusezerera abahoze ku rugerero cya Mutobo, aho yasezerewe mu cyiciro cya 73.

Cyiza akomeza agira ati: "Njye navukiye mu gihugu kitari icy'abasekuruza banjye, ntozwa inzangano kuko njye ku myaka yanjye 12 nari nzi ko abirukanye ababyeyi banjye ngomba kubarwanya. Ni cyo cyatumye ku myaka 15 ninjira igisirikare ariko naje gusanga ari ubusa nkorera ndetse ndwanira icyo ntazi."

Mushimiyimana Marita winjiye mu barwanyi ba FDLR ku myaka 19 mu mwaka wa 2018, avuga ko yabuze amahirwe menshi kuko kuba mu mashyamba byatumye abyara imburagihe mu gihe abo bangana mu Rwanda uyu munsi barimo kurangiza kaminuza.

Ku myaka 25, ubu afite abana bane na bo bavukiye mu rusaku rw'imbunda, cyane ko na we ababyeyi be bombi bari abarwanyi ba FDLR.

Yagize ati: "Nagiye mu gisirikare bantwaye ku ngufu, ubuzima bwo muri FDLR ku mugore buba bukomeye cyane kuko ntabwo yavuga ngo arihitiramo uwo bazabana. Ni yo mpamvu nkanjye nyuma y'umwaka ndi mu gisirikare nahise ndongorwa."

Avuga ko kuba mu mashyamba byangije ahazaza he, ariko agashima ko bakigera mu Rwanda babigishije gusoma no kwandika imyuga n'ubumenyi bujyanye n'uburere mboneragihugu, ndetse bakaba bamaze igihe kinini batumva urusaku rw'amasasu.

Abavuganye na Imvaho Nshya bakagaragaza interagahinda yo gupfapfanira mu mashyamba ya Congo ni bamwe mu bagera kuri 47 basezerewe mu cyiciro cya 73 ku wa Gatanu tariki ya 28 Werurwe 2025.

Perezidante wa Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC) Nyirahabineza Valerie, yasabye urwo rubyiruko kurangwa no gukunda Igihugu no kwamagana abacyifuriza inabi.

Yagize ati: "Mwigishijwe uburyo umuntu yakora umushinga ndetse mutozwa kwihangira umurimo, mufite igihugu cyiza kandi kibakunda, ahubwo musabwe kukirinda abagambanyi n'abandi badashakira amahoro uru Rwanda. Tuzakomeza kubaba hafi."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu Dr. Mugenzi Patrice yabasabye gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, birinda icyabacamo ibice.



**Cyiza Olivier avuga ko umwana wavukiye mu Rwanda abayeho neza**



**Mushimiyimana Marita avuga ko avuka ku babyeyi bahoze muri FDLR**



Perezida Paul Kagame azitabira inama ku ikoreshwa rya AI

# Perezida Kagame azitabira Inama ku ikoreshwa rya AI muri Afurika

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame ari umwe mu banyacubahiro bategerejwe mu Nama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa ry'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano (AI) ku mugabane w'Afurika izwi nka "Global AI Summit on Africa".***

Ni inama y'iminsi ibiri, biteganyijwe ko izabera i Kigali kuva tariki ya 3 kugeza ku ya 5 Mata 2025 nk'uko bishimangirwa n'Ikigo cy'u Rwanda kigamije kwihutisha iterambere rigera kuri bose, hifashishijwe ikoranabuhanga mu nganda (Centre for the Fourth Industrial Revolution/C4IR).

Buteganyijwe ko iyo nama kuri AI izitabirwa n'abantu basaga 1000, bazaturuka mu bihugu bisaga 95 byo hirya no hino ku Isi, bazakaba biganjemo abahagariye ibigo by'ubucuruzi bukoresha ikoranabuhanga rya AI birenga 100.

Mu bazayitabira hazaba barimo Abakuru b'Ibihugu, abari mu nzego zifata ibyemezo muri za Guverinoma zitandukanye, abagize Inteko Zishinga Amategeko, abayobozi b'inganda zikomeye ku Isi, abahanga mu guhanga udushya, abashakashatsi n'abari muri kaminuza zitandukanye.

Ni inama yateguwe n'ishami ry'u Rwanda rya C4IR hamwe na Ministeri y'Ikoranabuhanga no guhanga Ibishya (MINICT) bafatanyije n'Ihuriro Mpuzamahanga ku Bukungu (World Economic Forum.

Iyi Nama Mpuzamahanga ya Mbere ya AI ku Mugabane wa Afurika, ifite insanganyamatsiko igira iti: "AI n'Inyungu z'abaturage ba Afurika: Kongera kuzirikana Amahirwe y'Ubukungu ku Bakozi ba Afurika."

Mu minsi ibiri y'iyo nama kuri AI, binyuze mu biganiro n'amahugurwa, izibanda ku buryo AI ishobora gukoreshwa mu kurema amahirwe y'ubukungu yisanzuye, guteza imbere guhanga ibishya, no kongera ubumenyi ku bakozi ba Afurika.

Ikigo cy'u Rwanda kigamije kwihutisha iterambere rigera kuri bose, hifashishijwe ikoranabuhanga mu nganda gitangaza ko Afurika, ifite umubare munini w'abakozi ndetse n'ubukungu bukoreshwa neza, ikaba itegerejweho kugira uruhare rukomeye mu rwego rwa AI ku Isi yose.

Abasengura iby'ikoranabuhanga bagaragaza ko kugira ngo Afurika ikoreshe neza inyungu zifatika za AI kandi igabanye ibyago byazo, bizasaba ubufatanye bw'abafatanyabikorwa benshi no kuganira ku mikoreshereze yayo mu buryo bwagutse kandi bwimbitse.

Ikigo cy'u Rwanda kigamije kwihutisha iterambere rigera kuri bose, hifashishijwe ikoranabuhanga mu nganda kivuga ko hari intego ko mu mwaka wa 2030 AI izaba itanga inyongera ya Tiriyali 2,9 z'amadolari y'Amerika ku bukungu bw'Afurika.

# U Rwanda rwatangije kohereza mu mahanga ibicuruzwa binyuze mu masezerano ya AfCFTA

**KAYITARE Jean Paul**

***U Rwanda rwatangije gahunda yihariye yo kohereza mu mahanga ibicuruzwa bihurijwe hamwe, binyuze mu masezerano ashyiraho Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA).***

Ni gahunda yatangijwe mu gitondo cyo kuri uyu wa Gatatu tariki 25 Nzeri 2024, i Kanombe ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali.

Ku ikubitiro, hoherejwe umuzigo upima ibilo bisaga 900 ugizwe n'ikawa, icyayi, ubuki n'ibikomoka kuri avoka.

Ibi byoherejwe muri Ghana, gucuruzwa muri Afurika y'Iburengerazuba.

Ibyoherejwe birimo ibilo 400 by'ikawa, ibilo 400 by'icyayi, litiro 100 z'amavuta akomoka kuri avoka na litiro 50 z'ubuki.

Bizimana Claude, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), yavuze ko ibi bigamije korohereza abikorera.

Yagize ati: "Iyi gahunda igamije kugeza abikorera ku nyungu z'ubucuruzi bwahurijwe hamwe mu rwego rwo kuzamura ubufatanye, kugera ku masoko yo muri Afurika no guteza imbere kongerera agaciro ibikomoka k ubuhinzi byoherezwa mu mahanga."

Yavuze ko NAEB yiyemeje gushyigikira urwego rw'u Rwanda rwohereza ibicuruzwa mu mahanga no kureba ko ubucuruzi bwinshi bushobora kungukirwa n'ibikorwa byo kugera ku isoko nka AfCFTA.

Ati: "Iyi niyo ntangiriro y'imishinga myinshi yohereza ibicuruzwa hanze, bizagira uruhare mu kuzamura ubukungu bw'u Rwanda."

Amasezerano y'Isoko Rusange rya Afurika, African Continental Free Trade Area (AfCFTA) yasinyiwe i Kigali muri Werurwe 2018.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bucuruzi n'Iterambere (UNCTAD) rivuga ko hagati y'umwaka wa 2015 na 2017, ubucuruzi hagati y'ibihugu bya Afurika bwari ku kigero cya 16.6% gusa, nyamara ubwa Afurika n'u Burayi bukaba ku kigero cya 60% mu gihe buri ku kigero cya 50% hagati ya Afurika na Aziya.

AfCFTA yaje gukemura no gukuraho imbogamizi zirimo imisoro, amategeko n'ibindi bitandukanye byatumaga ubucuruzi hagati ya Afurika bugenda biguru ntege.

Amasezerano ashyiraho iri soko avuga ko ibicuruzwa 90% bizakurirwaho imisoro mu gihe biri gucuruzwa hagati y'Umugabane wa Afurika kandi byahakorewe, intego igomba kuzaba yagezweho nibura mu mwaka wa 2034.

Icyo gihe, Afurika izaba ituwe na miliyari 1.8 z'abantu, bavuye kuri miliyari 1,3 bariho uyu munsi.

Mu gihe Isoko rusange rya Afurika ryakomeza, byitezwe ko rizazahura ubukungu bw'uyu mugabane ndetse rigatanga imirimo isaga miliyoni 100 hirya no hino.





# Imbere y'Akanama ka Loni, u Rwanda rwanenze MONUSCO yananiwe inshingano



**Minisitiri Amb. Nduhungirehe Olivier yagaragaje ko u Rwanda runenga MONUSCO kuko yananiwe kuzuza inshingano**

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yanenze ingabo zoherejwe n'Umuryango w'Abibumbye (Loni) mu butumwa bwo kubungabunga amahoro mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (MONUSCO) zananiwe kubusohoza.***

Imbere y'Akanama gashinzwe Umutekano ka Loni, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Nduhungirehe, yavuze ko aho gusohoza ubutumwa MONUSCO yifatanye n'imitwe yitwaje intwaro ihungabanya umutekano w'abaturage.

Yabigaragaje kuri uyu wa Kane tariki ya 27 Werurwe 2025, ubwo yagarukaga ku kibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Minisitiri Amb Nduhungirehe yagaragaje ko mu myaka 25 ishize ingabo za Loni ziri muri RDC zakomeje kurebera ubwicanyi buhakorerwa.

Yongeyeho ati: "MONUSCO yananiwe inshingano twari tuyitezeho mu myaka isaga 25 ishize iri mu butumwa. Harimo gusenya imitwe yitwaje intwaro irimo n'uwa FDLR w'abajenosideri, ukaba umaze imyaka isaga 30 ukorera mu Burasirazuba bwa RDC ntawe iwuryoza ibyo ukora."

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yahamije ko amahoro adashoboka mu gihe ibyo bibazo byose biteza umutekano muke bidakemuwe biherewe mu mizi.

Ati: "Njyewe ubwo nari mu nama nk'iyi tariki ya 28 Werurwe 2013, ubwo hafatwaga umwanzuro wa 2098 wo kohereza ingabo zo gufasha mu butumwa bw'amahoro, za FIB muri MONUSCO. Izo ngabo zari zifite ubutumwa bwihariye bwo gusenya imitwe yose yitwaje intwaro harimo n'uwa FDLR."

Yongeyeho ati: "Nyamara umutwe warashweho by'umwihariko ni uwa M23, MONUSCO na FIB banze gusenya FDLR yari ikomeje guteza umutekano muke muri RDC kugeza n'ubu mu 2025".

Amb Nduhungirehe yibukije ko mu mwaka wa 2003, Loni yafashe imyanzuro 20 igamije gukemura ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Yavuze kandi ko hayanzwe n'akayabo k'amadolari menshi kuri izo ngabo ziswe ko zagiye kugarura amahoro muri ako gace, ariko ngo byose ntacyo byatanze.

Ati: "Icyabivuyemo ni uko abasivili b'Abanyakongo by'umwihariko abo mu bwoko bw'Abatutsi bakomeje kwibasirwa, bakorerwa ivangura, bagakomeza kumeneshwa."

Yunzemo ati: "Mu kwezi k'Ukwakira 2023, mu cyaro cyo muri Masisi ingo zituwe zigera kuri 300 z'Abanyekongo b'Abatutsi zatwitswe n'inyeshyamba zifashwa na Guverinoma ya Congo".

Yavuze ko ubu Abanyamulenge bo muri Minembwe muri RDC bakomeje kuraswaho n'ingabo za Congo zikoresheje ibisasu bya rutura biraswa n'utudege tutagira abapilote, nyamara hari ingabo za MONUSCO zirebera bikorwa.

### U Rwanda rushyigikiye ubutumwa bwa Loni bujyana no kubazwa inshingano

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda nk'igihugu kibarizwa muri Loni, rushyigikiye ibikorwa byo kugarura amahoro n'umutekano aho byabuze, ari na yo mpamvu rukomeza kwita ku kubazwa inshingano kw'aboherejwe muri ubwo butumwa.

Yibukije ko amakimbirane ari mu Burasirazubwa bwa Congo atatangijwe n'u Rwanda, ariko rukaba rukomeje kwikorezwa umutwaro w'ingaruka zayo.

Yagize ati: "Ababigiramo uruhare bose batumye RDC yihunza inshingano.

Yavuze ko umuzi w'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC ushingiye by'umwihariko ku kurebera umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ukaba ukomeje ubwicanyi bushingiye ku moko, gushyira abana mu gisirikare no guteza umutekano muke mu Rwanda no muri RDC.

Ati: "Ikibabaje ni uko umuryango mpuzamahanga ukomeje kurebera uwo mutwe."

Yavuze ko abaheruka gufatwa barimo n'abasirikare bakuru, bari muri uwo mutwe bakanashyikirizwa u Rwanda batanze ubuhamya ko Guverinoma ya RDC, FDLR yiyavanze mu gisirikare cy'Igihugu.

Ati: "Kinshasa ibaha intwaro, ikabaha amafaranga yo gukoresha, n'urubuga rwo gukomeza gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside."

Yavuze ko ugutotezwa kw'Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda kwatangiye mu gihe cy'ubukoloni, kwiganje mu Ntara za Kivu z'Amajyaruguru n'Amajyepfo zo mu Burasirazuba bwa RDC.

Yavuze ko kubavangura, kabatoteza no kubica bikomeje kwiyongera muri RDC, byatumye ababarirwa mu bihumbi n'ibihumbi bahungira mu Rwanda, muri Uganda no mu bindi bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ati: "Abo bamaze imyaka myinshi baba mu nkambi z'impunzi, bahora bategereje gusubira iwabo".

Yavuze ko kuba u Rwanda rukomeza kwegekwaho ibibazo byo mu Burasiraba bwa RDC bidasobanutse.

Ati: "U Rwanda icyo rwakoze ni ugushyiraho ingamba z'ubwirinzi kandi ntituzabitezukaho, kugeza igihe habonekeye umutekano urambye ku mupaka uduhuza na RDC".

Yunzemo ati: "Ikibazo cy'ingabo za MUNUSCO gikomeza guteza ibibazo, nkuko byagiye bigaragara muri raporo twakiriye."

### Ibivugwa na MONUSCO biba bihabanye n'ukuri

Yavuze ko ibigaragazwa na MONUSCO muri RDC akenshi biba bihabanye n'ukuri, aho usanga birengagiza ibibazo bitezwa n'imitwe yitwaje intwaro irimo ADF, CODECO n'uwa FDLR ufashwa na Guverinoma ya RDC, ahubwo ugasanga babitwerera abandi.

Ati: "Akenshi aya maraporo aba abogambye kandi ntatange amakuru nyayo ku bibera hariya muri kariya gace."

Nduhungirehe yavuze ko kuva intambara ya M23 na FARDC yongera kwaduka, guhera mu Kwakira 2021, ingabo za MONUSCO zananiwe kubungabunga amahoro mu Burasirazuba bwa RDC.

Ati: "Icyo kwamagana ni uko MONUSCO yakomeje gutera inkunga ihuriro ry'ingabo zifatanya na Leta ya Congo, ndetse ikanagaragara n'aho zikora ibyaha muri iyo mirwano aho yifatanye n'imitwe ubundi yashyiriweho kurwanya."

Yunzemo ati: "Hari abacanshuro b'Abanyaburayi, boherejweyo binyuranyije n'umwanzuro wa Loni wa 2098, bagafasha ingabo za Congo na MONUSCO".

Yibukije ko u Rwanda rwakomeje kwamagana ibyo bikorwa mu kanama ka Loni ariko ntibikemurwe.

Yavuze nubwo MONUSCO iyobowe na Bintu Keita ikomeje kwirengagiza ikibazo cy'Abanyekongo b'abasivili, abagera ku 3 000 bakomerekeye mu mirwano yabaye nyuma y'aho M23 yari imaze gufata Umujyi wa Goma muri Mutarama 2025.

Yagize ati: "Nubwo iyo mibare yagaragajwe n'abanyamakuru n'abaharanira uburenganzira bwa muntu bahigereye, Guverinoma ya Congo yakomeje kuyirengagiza ahubwo ikomeje gusabira u Rwanda ibihano nk'uko mwabyumvise uyihagarariye abivuga."

Amb Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rufite icyezere ko MONUSCO izahindura imikorere, igashyira imbere gutabara abasivili, no gufatanya n'abaharanira uburenganzira bwa muntu, kandi igashyigikira icyemezo cy'imiryango y'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'uw'Ubukungu bw'Afurika y'Amajyepfo (SADC) cyo gushyigikira inzira y'ibiganiro mu gukemura ibibazo by'umutekano muri RDC.

Yibukije ko u Rwanda rushyigikiye ko M23 yiyemeje kuva mu mu gace ka Walikare yari yarafashe ndetse no kuba n'ingabo za Congo n'imitwe ya Wazalendo yaremeye kurekera kugaba ibitero.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko mu myaka 31 ishize u Rwanda rwimakaje amahoro n'umutekano no guharanira iterambere, kandi rukaba ari na byo rwifuriza ibindi bihugu.

Yemeje ko u Rwanda rwiteguye gutanga umusanzu mu guhangana n'imitwe yitwaje intwaro ihungabanya umutekano mu Karere ruhereyemo n'ahandi hose ruzitabazwa.

# Intwari Sindayiheba Phanuel yatorewe kuyobora Akarere ka Rusizi

**ZIGAMA Theoneste**

***Sindayiheba Phanuel, umwe mu Ntwari z'u Rwanda, yatorewe kuba Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi asimbuye Dr. Anicet Kibiriga weguye mu kwezi k'Ugushyingo 2024.***

Sindayiheba Phanuel, ni umwe mu banyeshuri b'i Nyange bashyizwe mu Ntwari z'u Rwanda kubwo kwanga kwitandukanya nk'uko babisabwaga n'Abacengezi mu 1997.

Yatowe mu matora y'Abagize Njyanama z'Uturere yabaye kuri uyu wa Gatanu tariki 28 Werurwe 2025, akaba yatowe ku majwi 299, ahigitse Mugorenejo Béatha bari bahanganye wagize amajwi 30.

Gutora umuyobozi w'Akarere byabanjirijwe no gutora Abajyanama bujuje Inama Njyanama y'Akarere ka Rusizi, aho abatowe ari Sindayiheba Phanuel, Ngabonziza Michel, Mugorenejo Béata, Ayinkamiye Clémentine.

Ntakirutimana Julienne wari usanzwe ari Umukozi ushinzwe gahunda ya Ejo Heza mu Karere ka Karongi, yatorewe kuba Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu.

Dr. Anicet Kibiriga wari Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, na Dukuzumuremyi Anne Marie wari Umuyobozi wungirije w'Akarere ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage ndetse na Niyonsaba Jeanne d'Arc wari umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere beguye kuri izo nshingano mu Gushyingo 2024.

Ku mugoroba wo ku wa 23 Ugushyingo 2024 ni bwo Inama Njyanama y'Akarere ka Rusizi yateranye isuzuma ndetse inemeza ubwegure bwabo.



**Sindayiheba Phanuel ni we watorewe kuyobora Akarere ka Rusizi**

### Muzungu Gerard yatorwe kuyobora Akarere ka Karongi

Muzungu Gerard yatorewe kuba umuyobozi w'Akarere ka Karongi, akaba yari amaze amezi ane ayobora ako Karere by'agateganyo.

Muzungu yatangiye kuyobora Karongi asimbuye Mukase Valentine, hamwe na Visi Meya ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Niragire Théophile ndetse na Perezida w'Inama Njyanama Dusingize Donatha bari beguriye rimwe.

Muri Komite nyobozi hasigaye Visi Meya ushinzwe imibereho y'abaturage. Abeguye kandi bakurikiwe no kwirukanwa kw'abageze kuri 13 bakoraga mu myanya itandukanye mu Karere.

Muzungu si mushya mu buyobozi bw'inzego z'ibanze, kuko yayoboye Akarere ka Kirehe kuva ku wa 31 Ukuboza 2014 kugeza mu 2021, ubwo yasimburwaga na Bruno Rangira ukayobora ubu.

Ntakirutimana Julienne wari usanzwe ari Umukozi ushinzwe gahunda ya Ejo Heza mu Karere ka Karongi, yatorewe kuba Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu.

Bikorimana François yatorewe kuba Perezida w'Akarere ka Nyamasheke

Nyuma yo gutora Bikorimana François mu rwego rwo kuzuza abagize Njyanama y'Akarere, Prof. Kamana Emmanuel yatorewe kuba Perezida wa Njyanama mu gihe Madamu Uzamukunda Isabelle yatorewe kuba Visi Perezida.

# Nyakwigendera Gatare asize amasomo nzubakiraho ubuzima bwose-Abamuherekeje



**Nyakwigendera Jean Lambert Gatare**

**KAMALIZA Agnes**

***Kwakira amakuru y'urupfu rw'umunyabigwi wakoze umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda, Jean Lambert Gatare kubyiyumvisha byagoye benshi bishegesha imitima y'abamukunda, abo yakuriye mu biganza, abo yagiriye inama bituma basangiza abandi amasomo bakwiye kumwigiraho.***

Amakuru y'urupfu rwa Gatare yamenyekanye mu ijoro ryo ku wa 21 rishyira ku wa 22 Werurwe 2025, aguye mu mujyi wa New Delhi mu Buhinde aho yari yaragiye kwivuriza.

Mu muhango wo kumusezera mu cyubahiro kuri uyu wa 28 Werurwe 2025, abo yabanye na bo bya buri munsi barimo umuryango we; abo bakoranye bagaragaje ko Jean Lambert Gatare asize amasomo abandi bakwiye kumwigiraho haba mu kazi bakora no mu buzima bwa buri munsi.

### Gukoresha ukuri

Bagaragaje ko Jean Lambert Gatare yakundaga gukoresha ukuri ndetse agasaba buri wese kwirinda ikinyoma ahubwo bakavuga ibintu uko byagenze, byaba ari amakosa, agakosorwa ariko hashingiwe ku kuri.

### Kudacika intege

Gatare ngo abamuganaga bose basa nk'abacitse intege yabagaruragamo akanyabugabo, batitaye ku rucantege urwo ari rwo rwose.

Uwitwa Kageme Grace bakoranaga yagaragaje ko yamugannye yumva afite umutima ucitse intege akamukomeza.

Gatare yaramubwiye ati: "Ni iki kiri kuguca intege? Ese urumva nucika intege uba ugeze aho ushaka kugera? Uguca intege ntabwo ukora ibyo ashaka ahubwo urakora cyane akabura aho ahera."

### Kwigirira icyizere

Hari abagaragaje ko yabigishije kwigirira icyizere bakumva ko bashoboye kandi bagakora cyane kugera bageze ku ntego bihaye.

Umunyamakuru Mukobwajana Assiati yavuze ko Gatare yamuteye imbaraga zituma akunda umwuga akiri umunyeshuri kugeza aho arangirije kwiga akawukora.

Ati: "Yaratwigishije kuko njye maze imyaka 10 menye Gatare mbere gato turi mu ishuri igihe twari tugiye muri sitaje bakatwakira; yaratubwiye ati twese uko turi aha turashoboye kandi dushobora kuba abanyamakuru tukubaka ikintu gikomeye.

### Gutega amatwi

Nyakwigendera, umunyamakuru Jean Lambert Gatare ngo yari umuntu utega amatwi buri wese kabone n'iyo uwo muntu yaba ari mu makosa.

### Gukunda Igihugu

Bagaragaje ko yakundaga Igihugu akanga umugayo agaharanira ko yakora ibitashyira mu kaga cyangwa biyobya abaturage.

Yahoraga asaba ko abanyamakuru bakora kinyamwuga bakagira ubumuntu kuvuga ibyo bafitiye gihamya no kwirinda byacitse.

Bamwe mu bashinze ingo bagaragaje ko yabagiriye inama yo gukoresha ukuri mu muryango wabo ndetse bakubahana.

Icyakora ibyo bishimangirwa n'umuryango kuko na wo ugaragaza ko yababaniye uko bikwiye mu rukundo no mu bugwaneza kandi umurage mwiza asize bazawukomeza.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Kuvukira mu ishyamba si ikosa nko kurisaziramo*

Amateka y'u Rwanda yatumye abana benshi bakura bumva Igihugu cyabo nk'umugani wanditswe mu bitabo. Hari abavukiye cyangwa bakurira mu mahanga kubera Politiki mbi y'abayobozi bimakaje amacakubiri bayitoye mu miyoborere y'ubukoloni.

Mu bana bakuze batazi u Rwanda, hari bamwe bahisemo kurugarukamo bafite umutima wo kurubohora no guhindura iyo miyoborere yimakazaga urwango n'amacakubiri, bakubaka Igihugu cy'Abanyarwanda bose kitirengagiza n'abamburwa uburenganzira ku bihugu byabo aho baba baturuka hose ku Isi.

Ukwiyemeza k'urwo rubyiruko kwabaye umugisha ku Banyarwanda bunamuweho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu gihe cy'iminsi 100.

Mu gihe urugamba rwo kurwanya ikibi rwasaga n'urutsinze, ibyari ikibazo ku Rwanda byimukiye mu bihugu by'abaturanyi n'ahandi ku Isi, abimakaje ingengabitekerezo ya Jenoside bayikomereza mu mashyamba y'amahanga.

Mu myaka 30 ishize, hari bamwe bumvise ko ubuyobozi bw'u Rwanda bukomeje kubaka Igihugu cyunze ubumwe baratahuka, harimo n'abari abarwanyi b'imitwe yitwaje intwaro yagiye ivukira ishyanga igamije kugaruka gutera u Rwanda igakuraho ubuyobozi.

Ku bakuru banze gutaha bo bibwira ko baba bazi ibyo barwanira, ariko uwavukiye mu maboko yabo ashobora kuba yarakuze atamikwa ibyo yumvaga ko ari ko kuri kandi ategetswe no kukurwanirira.

Muri iyo myaka 30, hari abavukiye muri ayo mashyamba na bo bayabyariramo, ariko uburere bahawe bushingiye ku rwango, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside bakomora ku babyeyi babo, aho bamwe batanabonye amahirwe yo kumenya ukuri kw'ibyiza byiyongera mu Rwanda.

Gukura wigishwa ubugome, amacakubiri ndetse n'urwango ugirira abantu utigeze umenya ntibikuraho ko ari bibi kandi bigira ingaruka zimwe waba ubikora warabyigishijwe cyangwa ari wowe ubyigisha.

Nubwo bigoye kwigobotora imyumvire nk'iyo wavukiyemo ukayikuriramo, urugero rw'abakiri bato bagiye bitandukanya n'ababyeyi b'abahezanguni bakagaruka kuri gakondo yabo ni igihamya gifatika ko bishoboka.

Impuguke mu mikurire y'umwana n'imitekerereze zigaragaza ko umwana atangira gukuza ubumenyi bwo gutekereza no kwibaza ku byo abona hagati y'imyaka itanu kugeza ku icyenda, ku myaka hagati ya 10 na 12 akaba ari ho akomeza gukuza ubushobozi bwo gufata ibyemezo no gutandukanya icyatsi n'ururo.

Nta gihe kwanga mugenzi wawe, kumwambura cyangwa kumuvutsa uburenganzira bwo kubaho bizigera biba byiza, ari na yo mpamvu kuvukira mu nyeshyamba bidatanga uburenganzira bwo kwimakaza ikibi, ahubwo amahitamo y'umuntu ku giti cye agira uruhare rukomeye mu kugena uruhande arwanirira, ikibi cyangwa icyiza.

# M23 ntibikwiye kuyitiranya n'u Rwanda- Minisitiri Nduhungirehe

**NTAWITONDA Claude**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Olivier, yaganiriye n'abanyamakuru bamubaza ikibazo kimwe inshuro eshatu, bati ni "Ingabo z'u Rwanda mufite mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) zingana iki?"***

Ni ikibazo yabajijwe nyuma y'uko bamwe mu bahagarariye ibihugu byo mu Burengerazuba bw'Isi bakomeje kugendera ku murongo washyizweho na RDC wo kugereka ibibazo by'icyo gihugu ku Rwanda.

Igisubizo yatanze kuri icyo kibazo yasubirishijwemo inshuro eshatu, gisobanura neza uko u Rwanda rwitwara ku bibazo by'icyo gihugu cy'abaturanyi birugiraho ingaruka kubera umutwe wa FDLR wifatanyije na Guverinoma ya RDC.

Umwe mu banyamakuru yatangiye ashingira ku byavuzwe n'uhagarariye Ubwami bw'u Bwongereza washimangiye ko u Rwanda rukwiye kuva muri Congo kuko ari rwo rufasha M23 gufata ibice binyuranye bya Congo.

Nduhungirehe yavuze ko nta Ngabo z'u Rwanda ziri muri RDC, ko ahubwo mu kwicungira umutekano u Rwanda rwafashe ingamba z'ubwirinzi zashyizwe ku mipaka mu gukumira ibibazo ruterwa n'uwo mutekano muke.

Yaboneyeho kubwira umunyamakuru ko u Bwongereza budakwiye gutegeka u Rwanda icyo rukora kuko hari ibiganiro by'amahoro bikomeje biyobowe n'Afurika amahanga asabwa gushyigikira.

Ati: "Si ah'Ubwami bw'u Bwongereza kutubwira ibyo dukwiriye gukora. Nk'u Rwanda ni kenshi twavuze ko dufite ikibazo cy'umutekano kiva kuri FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro yo muri RDC. Bityo rero twafashe ingamba z'umutekano ku mipaka yacu mu kwirinda ibyo bibazo."

Yakomeje ashimangira ko ingamba z'ubwirinzi zidakwiye kwitiranywa no kuba Abanyekongo barimo guharanira kongera guhabwa agaciro kuri gakondo yabo.

Ati: "Ibyo kandi ntibikwiye kwitiranywa na M23 kuko ni umutwe witwaje intwaro w'Abanyekongo urimo guharanira umutekano w'abaturage b'Abanyekongo. Ni M23 yafashe ibice byo muri RDC harimo Goma na Bukavu, si u Rwanda, kuko u Rwanda ntirwafata ubutaka bwa Congo."

Undi munyamakuru na we yunzemo ati: "Ni abasirikare bangahe mufite muri RDC, ko Loni ivuga ko mu Burasirazuba hari ingabo z'u Rwanda zisaga 7000?"

Minisitiri Nduhungirehe yongeye gusubiza ati: "Navuze ko tudakwiye kwitiranya M23 n'u Rwanda. M23 ni umutwe w'Abantekongo wafashe ibice binyuranye, ni M23 iri muri RDC kuko ni Abanyekongo."

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwo rushyize imbaraga mu gucunga imipaka yarwo binyuze mu ngamba z'ubwirinzi zikumira ibibazo by'umutekano muke bimaze mu myaka 30, bishamikiye kuri FDLR yashinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yagarutse no ku yindi mitwe yitwaje intwaro ikomeje gutera imbaraga Guverinoma ya Gongo mu mugambi wayo wo guhirika ubutegetsi bw'u Rwanda nk'uko byashomangiwe na Perezida Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo mu bihe bitandukanye.

Yabanijwe kandi ku birebana n'ibitero byagabwe ku Rwanda, agaragaza ko guhera mu mwaka wa 2018 honyine hagabwe ibitero birenga 20 aho igiheruka cyabaye ku wa 26 Mutarama, abantu 16 bakahasiga ubuzima, ingo 200 n'ibindi bikorwa remezo bigasenyuka.

Mu muri Werurwe, muri Gicurasi, no muri Kamena 2022 na bwo ibisasu byaroshywe ku butaka bw'u Rwanda intego ari ugushaka kuburizamo Inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma by'Umuryango Comminwealth (CHOGM) yabereye i Kigali.

Mu bitero yagarutseho harimo n'ibyahabwe n'andi mashami ya FDLR nka RUD Urunana n'iyindi, yagiye inyura mu bice binyuranye by'u Rwanda.

Yatanze kandi n'urugero rw'Umujenerali wa FDLR Brig. Gakwerere Jean Baptiste (Ezechiel) wafatiwe muri RDC yambaye impuzankano y'Ingabo za FARDC, byose gushimangira impungenge z'umutekano z'u Rwanda.

Yavuze ko ubutumwa bw'u Rwanda bworoshye, ari uko rukeneye igisubizo cya Politiki, rukaba rushyigikiye gukorera hamwe no gukorana n'abandi mu gushaka umuti urambye w'ibibazo by'umutekano w'Akarere.

Yavuze ko kugeza uyu munsi u Rwanda rugifite impungenge z'umutekano warwo zishingiye kuri FDLR kuri ubu yamaze guhuza imbaraga na Leta ya RDC.

Yavuze ko Ibiganiro by'amahoro bya Luanda n'ibya Nairobi bahujwe bitanga amahirwe atagira n'umwe aheza kandi afungura inzira igana ku mahoro arambye.

Yaboneyeho kwibutsa Isi yose ko habura iminsi mike ngo u Rwanda n'Isi bifatanye kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nk'urwibutso ruhoraho rw'akamaro ko kurinda imiryango yose urwango, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

# Perezida Kagame na Tshisekedi bitabiriye inama ya EAC na SADC

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe J.P Olivier yatangaje ko Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame na Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo RDC, FelIx Antoine Tshisekedi ari bamwe mu Bakuru b' ibihugu bitabiriye Inama ihuriweho y'Abakuru b'Ibihugu bigize EAC na SADC ku wa 24 Werurwe 2025.***

Ni inama yateranye hifashishijwe ikoranabuhanga, ikaba yari igamije gushakira amahoro arambye, Uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ndetse akaba ari na yo Abanyafurika bakeneye.

Amb. Nduhungirehe abinyujije kuri X yatangaje ko iyo nama yitabiriwe n'ibihugu 14 byari byatumiwe, harimo Abakuru b'Ibihugu 11.

Uretse u Rwanda na RDC byari bihagarariwe n'Abakuru b'Ibihugu, harimo na Zimbabwe, u Burundi, Afurika y'Epfo, Tanzania, Malawi, Zambia, Uganda, Madagascar ndetse na Somalia yahagarariwe na Minisitiri w'Intebe.

Abakuru b'Ibihugu bari bahagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga barimo uwa Angola na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Sudani y'Epfo.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe ati: "Iyi nama yatanze uburyo bushya bwo gushaka amahoro mu karere kacu, binyuze mu guhuza ibiganiro bya Luanda na Nairobi, mu nzira imwe ya EAC-SADC, ari yo nzira yonyine yo gushaka amahoro mu Burasirazuba bwa RDC."

Ibihugu bigize EAC na SADC byemeje ko abahuza batanu bo mu bihugu bitandukanye by'Afurika bagamije gukora uko bashoboye ngo bashakire umuti urambye ibibazo by'Afurika.

Hashyizweho abahuza 5 bo mu bihugu bitandukanye by'Afurika barimo abagore babiri mu bihugu bikoresha ururimi rw'igifaransa.

Abo bashyizweho nk'abahuza barimo Olsegon Obasanjo wabaye Perezida wa Nigeria, Jomo Kenyatta wayoboye Kenya, Smaba Panza yaboye Repubulika ya Santarafurika, Sahle-Work wayoboye Ethiopia na Motlante wayoboye Afurika y'Epfo, bakaba bafite ubunararibonye mu gufasha ibihugu kubona amahoro arambye.

Muri iyo nama, Minisitiri Amb. Nduhungirehe yatangaje ko hashyizweho iminsi 7, mbere y'uko ukwezi kwa Werurwe kurangira, Dr William Ruto, Perezida wa Kenya akaba ari na we uyoboye EAC ndetse na Perezida wa Zimbabwe Emmerson Mnangagwa, akaba ayoboye SADC, bazaba bashyizeho uburyo bwo gufasha abahanganye barimo n'umutwe wa M23, mu makimbirane yo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bakaganira uko bakemura ibibazo.

Ibyo biganiro bikazaba bigamije gushaka amahoro arambye no gukemura amakimbirane amaze imyaka isaga 30 mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Umutwe wa M23 umaze imyaka itatu wubuye imirwano uhanganye na Leta ya Congo, umaze kwigarurira imijyi ya Goma na Bukavu.

Icyakora umujyi wa Walikare yari yafashe iherutse gutangaza ko yawuvuye igamije ko habaho ibiganiro bigamije amahoro ariko ikavuga ko mu gihe yaraswaho yakongera ukawugarukamo.

# EAC na SADC bemeje abahuza 5 ku kibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa Congo

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'Umuryango wa Afurika y'Amajyepfo (SADC) yemeje abahuza 5 mu kibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, RDC.***

Abahuza Batanu bemejwe barimo; Uhuru Kenyatta wabaye Perezida wa Kenya, Olusegun Obasanjo wayoboye Nigeria, Kgalema Motlanthe wabaye Perezida wa Afurika y'Epfo, Catherine Samba Panza wayoboye Santarafurika na Sahle-Work Zewde wabaye Perezida wa Ethiopia.

Bemerejwe mu nama yiga ku kibazo cy'umutekano muke muri RDC yahuje abakuru b'ibihugu b'iyi miryango, yateranye hifashishijwe ikoranabuhanga ku wa Mbere, tariki ya 24 Werurwe 2025.

Inama yayobowe na Perezida wa Kenya akaba n'Umuyobozi wa EAC William Samoei Ruto, afatanyije na Perezida wa Zimbabwe akaba n'Umuyobozi wa SADC Emmerson Dambudzo Mnangagwa.

Ni inama yitabiriwe n'abakuru b'ibihugu; Dr William Samoei Ruto, Perezida wa Kenya, Dr Emmerson Dambudzo Mnangagwa, Perezida wa Zimbabwe, Perezida w'u Rwanda Paul Kagame, Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo Perezida wa RDC, Ndayishimiye Evariste Perezida w'u Burundi, Dr Lazarus McCarthy Chakwera Perezida wa Malawi, Andry Rajoelina Perezida wa Madagascar, Matamela Cyril Ramaphosa Perezida wa Afurika y'Epfo, Yoweri Kaguta Museveni Perezida wa Uganda, Dr Samia Suluhu Hassan Perezida wa Tanzania n'abandi.

Abahuza bagenwe na EAC na SADC bazahura baganire mu minsi 7 iri imbere. Inama yateranye yagarutse ku byemezo byafashwe mu nama ya mbere ya EAC na SADC yabaye tariki 08 Gashyantare 2025, i Dar es Salaam ku bibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo.

KOMEZA KU RUP.9



Hemejwe abahuza ku kibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC





# EAC na SADC bemeje abahuza 5 ku kibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa Congo

IBIKURIKIRA URUP.8

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko u Rwanda rugifite impungenge z'umutekano warwo kubera intambara irimbanyije mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ahamya ko izo mpungenge zigomba gukemuka.

Perezida Kagame yashimangiye ko impungenge z'umutekano w'u Rwanda zigomba gukemuka, zikaba zishingiye ahanini ku mutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize baruhekuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "U Rwanda ruracyafite impungenge ku mutekano wacu, kandi iki kigomba gukemurwa mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ibindi bihugu, harimo na RDC ubwayo. Iyo tuvuga ubusugire no kubaha imbibi, ibyo bigomba gukorwa kuri buri gihugu. Buri gihugu gikwiye kubahirwa imbibi n'ubusugire bwacyo."

Perezida Kagame yakomeje ashimangira ko udashobora guhagarika intambara mu gihe ucyimakaje akarengane n'ibibazo bya Politiki ishingiye ku macakubiri.

Yagize ati: "Iyo ushaka ko intambara irangira, ushyira iherezo ku karengane, urangiza ibibazo bya politiki bitari ku baturage bawe gusa, ahubwo biri no ku bandi barimo n'abaturanyi bawe bigiraho ingaruka."

Perezida Kagame yashimangiye ko hari intambwe iri guterwa mu gushaka umuti urambye w'ikibazo cy'umutekano muke cyabaye agatereranzamba mu Burasirazuba bwa RDC.

Yagaragaje icyizere cy'uko urugendo rw'Amahoro rwatangijwe ku bufatanye bwa EAC na SADC ruzatuma buri wese atanga umusanzu mu kurandura ibibazo bihereye mu mizi yabyo.

# Mu Rwanda, 45 bafungiwe kwiba miliyoni 432 Frw ku ikoranabuhanga

NTAWITONDA Claude

***Abantu 45 mu Rwanda batawe muri yombi mu mezi ane guhera mu Gushyingo 2024, bakekwaho ubutekamutwe bwatumye bacucura rubanda amadolari y'Amerika 305.000, ni ukuvuga miliyoni zisaga 432 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Abo bantu bakurikiranyweho ubutekamutwe bafatiwe mu mukwabo mpuzamahanga wakozwe mu bihugu birindwi by'Afurika, ahafashwe ibikoresho by'ikoranabuhanga bisaga 1.842 hagafungwa n'abantu 306 babyifashishaga mu butekamutwe.

Bafashwe ku bufatanye bw'inzego z'umutekano z'ibyo bihugu na Polisi Mpuzamahanga (Interpol), mu rwego rwo kurwanya ibyaha by'ubutekamutwe bushingiye ku ikoranabuhanga no kongerera inzego ubushobozi bwo kurwanya ibyo byaha.

Mu Rwanda, abatekamutwe bafashwe barimo abigiraga abakozi ba sosiyete z'itumanaho maze bakabeshya abaturage ko batsindiye ibihembo, maze bakabakuramo amakuru y'ingenzi atuma babiba nta mbogamizi.

Abandi bigiraga abayobozi b'ibigo by'amashuri, abaganga cyangwa bakigana uwo muryango runaka wakomerekeye mu mpanuka n'ibindi byago bitumabakenera inkunga y'amafaranga mu bagize uwo muryango.



abakurikiranyweho ubutekamutwe bafatiwe mu mukwabo mpuzamahanga wakozwe mu bihugu birindwi by'Afurika

Bivugwa ko mu mafaranga yatwawe n'abo batekamutwe mu Rwanda, bifashishije ikoranabuhanga, amadolari y'Amerika arenga 100.000 amaze kugaruzwa.

Uwo mukwabo wiswe "Red Card" bisobanuye ikarita itukura, watangiye mu kwezi k'Ugishyingo 2024 kugeza muri Gashyantare 2025, ukaba waribanze ku gusenya uruhererekane rw'abanyabyaha bifashisha ikoranabuhanga bacucuye abantu basaga 5000.

Ahanini amafaranga bagiye bambura yabaga azigamywe na ba nyirayo kuri telefoni ni kuri banki, kubeshya abantu amahirwe y'ishoramari ndetse n'ubutumwa buyobya abantu ko bakiriye amafaranga bagasabwa kuyasubiza.

Muri Nigeria hafashwe abakekwa 130 barimo abanyamahanga 113, bakaba bakurikiranyweho ubwambuzi bushukana bwizeza ishoramari ryunguka vuba ndetse n'uburyo bwo gutega (betting) kuri murandasi (online casinos).

Abayobozi bo muri Nigeria batangaje ko abanyabyaha bafite ibikorwa bitemewe byinshi mu mitungo yo ku ikoranabuhanga ari na yo yabafashaga kuyobya uburari.

Ku rundi ruhande, abayobozi bo muri Afurika y'Epfo na bo bataye muri yombi abantu 40, hafatwa za simukadi zisaga 1000 na za mudasobwa zo mu biro (desktop computers) 53 n'iminara iri ku ruhererekane rwa simukadi zifashishwa mu bujura.

Ibyi ngo byafashaga abatekamutwe kugaragarira abo biba nk'abakoresha nomero zo mu bihugu byabo kandi bahamagariye cyangwa babandikiye bari mu mahanga.

Muri Zambia ho, inzego z'umutekano zafashe abantu 14 bari baribumbiye muri Sendika y'abahanga mu by'ikoranabuhanga (Hacker) bohereza abantu za virusi zituma bagera ku makuru yabo bakabiba.

Abakekwa bajyaga bohereza abantu za link zikurura amarangamutima zigamije ko uzifunguye ahita abura ububasha ku gikoresho cye cy'ikoranabuhanga agifite, maze abajura bakagikoresha batekera imitwe abantu bose nyiri telefoni afitiye nomero.

Bimwe mu byo nyuri icyo gikoresho cy'ikoranabuhanga aburira ubushobozi bwo kuba yakurikirana ni imikoreshereze ya application za banki ndetse n'izohereza ubutumwa.

Iperereza kandi ryatahuye ibimenyetso by'icuruzwa ry'abantu, aho bamwe mu bantu bahatirwaga kugira uruhare mu butekamutwe cyangwa bagacuruzwa mu bundi buryo.

Ibiro by'Ubwami bw'u Bwongereza bishinzwe Umuryango wa Commonwealth n'Iterambere, ni byo byateye inkunga ya miliyoni 2.6 z'amapawundi mu kongerera ubushobozi inzego zifasha mu kubahiriza amategeko mu kurwanya ibyaha byifashisha ikoranabuhanga.

Ibihugu byakozwemo iyo gahunda ni u Rwanda, Benin, Côte d'Ivoire, Nigeria, Afurika y'Epfo, Togo na Zambia, bikaba bikomeje imikoranire igamije gukumira ibyaha byifashisha ikoranabuhanga.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kurwanya ibyaha byifashisha ikoranabuhanga muri Interpol Neal Jetton, yagize ati: "Intsinzi ya Operasiyo Red Card ishimangira imbaraga z'ubutwererane mpuzamahanga mu kurwanya ibyaha bikorerwa ku ikoranabuhanga, bidakangwa n'imipaka kandi bigira ingaruka ziteye ubwoba ku bantu no ku miryango yabo."

Yakomeje ashimangira ko kugaruza ibyibwe, gufata ibikoresho n'ababyifashishaga mu bwambuzi, bitanga ubutumwa bukomeye ku bakigerageza ubu bujura bumva ko batazwi, abibutsa ko nta n'umwe muri bo uzacika ubutabera.

# Kigali: Ivugurura ry'amasangano atatu rizatwara miliyari 140Frw




**Hazavugururwa amasangano 3 ariyo Gishushu, Chez Lando na Sonatubes**

**NYIRANEZA Judith**

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, MININFRA yatangaje ko mu Mujyi wa Kigali hari umushinga wo kuvugurura amasangano atatu y'imihanda uzatwara amafaranga y'u Rwanda miliyari 140.***

Iyo Minisiteri ibinyujije mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA), cyatangije umushinga wo kuvugurura amasangano atatu y'imihanda muri Kigali, akubakwa mu buryo bugezweho mu mushinga wo guteza imbere ubwikorezi mu Mujyi wa Kigali.

Ni kuri uyu wa 24 Werurwe 2025, Ikigo gishinzwe guteza imbere ubwikorezi mu Rwanda (RTDA), ku bufatanye n'itsinda rya Banki Nyafurika itsura Amajyambere (AfDB), hatangijwe ku mugaragaro uwo mushinga wo guteza imbere ubwikorezi bwo mu Mujyi wa Kigali (KUTI)

Amasangano azubakwa mu buryo bugezweho ni Gishushu, Chez Lando na Sonatubes.

Iyo mishinga, yatewe inkunga na Guverinoma y'u Rwanda, Banki Nyafurika itsura amajyambere, Ikigo cy'u Buyapani Gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (JICA), Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (IFAD) bamwe mu bafatanyabikorwa, hagamijwe kuzamura ibikorwa remezo mu rwego rwo gutwara abantu, guhuza no kuzamura ubukungu mu Rwanda no mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba.

Umuyobozi ushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'Imishinga mu Kigo gishizwe guteza imbere Ubwikorezi mu Rwanda, RTDA, Gihoza Mivugo François, yavuze ko kuvugurura ayo masangano y'imihanda 11, bizoroshya ingendo.

Yagize ati: "Kuvugurura imihanda ni ugukora ku buryo habaho inzira zitandukanye, hakabaho inzira zimwe zica hasi, izindi zigaca hejuru ku buryo bitazasaba umuntu uturutse mu gace runaka guhagarara ngo undi abanze agende."

Biteganyijwe ko uwo mushinga uzatanga imirimo y'igihe gito 400, aho 30% y'ayo mahirwe yagenewe abagore.

Hanatangijwe kandi umushinga wo kubaka imihanda migari mu mushinga w'iterambere uhuriweho n'u Rwanda n'u Burundi (BRIDEP).

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo MININFRA yavuze ko ikorwa ry'umushinga BRIDEP rizanoza ubuhahirane.

Yagize ati: "Umuhanda uradufasha kuko ni mpuzamahanga, uradufasha ahantu tutari dufite kaburimbo nk'umuhanda wa Cyanika- Musanze- Ngororero noneho hakorwe na kiriya gice kimanuka Nyakinama-Nyamutera- Vunga- Ngororero ni umuhanda ukenewe cyane uzahuza Akarere ka Ngororero, Nyabihu, Musanze na Burera.

Hari n'umuhanda Bugarama-Bweyeye uzahuza imipaka ibiri yegereye u Burundi. Ni byo tumaze gukorera inyigo, ni nabyo binadufasha gushaka amafaranga yo kubaka iyo mihanda."

Umushinga BRIDEP, wemejwe mu Kwakira 2024, bikaba ari gahunda y'akarere igamije kuzamura ubwikorezi n'ibikorwa remezo by'ubuhinzi hagati y'u Rwanda n'u Burundi, kuzamura ubukungu n'ubucuruzi bw'akarere.

Uyu mushinga uzatwara amadolari ya Amerika miliyoni 413.22, urimo kubaka imihanda ine ya kaburimbo yose hamwe ifite uburebure bwa 215.3 km, biranashoboka ko hakiyongeraho 406 Km z'umuhanda kuri ubu bikiri mu nyigo.

Ku ruhande rwa AfDB kuri iyi mishInga, Umuyobozi uhagarariye AfDB mu gihugu Aissa Touré yagize ati:

"Umushinga wo guteza imbere ubwikorezi bwo mu Mujyi wa Kigali hamwe n'Umushinga w'iterambere ry'u Burundi- u Rwanda (BRIDEP), ni gahunda ziri mu murongo umwe n'impinduka Banki Nyafurika itsura Amajyambere yiyemeza yo guteza imbere kwishyira hamwe kw'Akarere no guteza imbere imijyi irambye.

Iyi mishinga ntizazamura imikorere y'ubwikorezi no guhuza imigenderanire gusa ahubwo izagira uruhare mu kuzamuka k'ubukungu no guhanga imirimo. Twizeye ko binyuze mu bufatanye bukomeye hagati ya Guverinoma y'u Rwanda, Banki Nyafurika itsura amajyambere, n'abafatanyabikorwa bacu, iyi mishinga izazanira ibyiza birambye mu Karere."

Mu mpera z'umwaka ushize, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr. Jimmy Gasore, yavuze ko guhera muri Nyakanga 2025, Guverinoma y'u Rwanda izatangira kuvugurura no kwagura amasangano y'imihanda atatu mu Mujyi wa Kigali mu rwego rwo kurushaho koroshya ingendo.



**Kuvugurura amasangano bizoroshya ingendo**





# Uturere u Rwanda rukuramo amabuye y'agaciro arwinjiriza akayabo

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda yongeye gutanga umucyo ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorerwa mu Rwanda,uduce acukurwamo nka Muhanga, Ruhango n'ahandi n'umusaruro bwatanze; inyomoza Repulika ya Demokarasi ya Congo(DRC) n'abambari bayo barushinja kwiba amabuye.***

Ubwo yari imbere y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 28 Werurwe 2025, Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard Ngirente yagaragaje ko u Rwanda rufite amabuye nka zahabu, litiyumu, koruta, wolufuramu n'ayandi kandi yinjirije u Rwanda arenga tiriyari.

Yagaragaje ko u Rwanda rwohereje mu mahanga amabuye y'agaciro yinjije miliyari 1.7 z'amadolari y'Amerika mu mwaka wa 2024, mu gihe mu mwaka wa 2017 yinjije miliyoni 373 z'amadolari y'Amerika

Minisitiri Dr. Ngirente yavuze ko u Rwanda rufite amabuye mu Turere tunyuranye tw'Igihugu kandi rukomeza kuvumbura n'ahandi atari.

Yavuze ko ubwo bwiyongere bw'ayo yinjije bwaturutse ku bunyamwuga bwiyongereye mu bucukuzi bwayo, ishoramari ryiyongereye ndetse n'imbaraga zongerewe mu kuyongerera agaciro.

Yagize ati: "Amabuye tugiye tuyafite mu Turere tunyuranye kandi twizeye ko tukivumbura n'ahandi ari tutari twamenya. Ayo mabuye arahari icyo dukora nka Guverinoma ni ugushyiraho gahunda yo kuyacukura neza agatanga umusaruro mwiza atangiza ibidukikije kandi atabangamiye ibindi bikorwa by'amajyambere kugira ngo byombi bikorwe."

**Urutonde rw'uduce amabuye acukurwamo**

Minisitiri Dr. Ngirente yavuze ko ibuye nka gasegereti riboneka i Rutongo, Kamonyi, Muhanga, Gakenke, Gatumba muri Ngororero, Ruhango, Nyanza, Rutsiro, Huye, Nyabihu muri Rugera, Rubavu, Musha na Ntunga muri Rwamagana, Rwinkwavu muri Kayoza, Gatsibo, Rutunga muri Nyagatare, Ngara muri Ngoma, Nduba muri Gasabo, na Bashyamba mu Karere ka Nyarugenge.

Ibuye rya kuruta riboneka muri Kamonyi, Muhanga, Gakenke, Gatumba muri Ngororero, Ruhango, Nyanza, Rutsiro, Huye, Rubavu, Rwamagana, Rutunga muri Nyagatare, Ngara muri Ngoma, na Nduba muri Gasabo.

Ibuye rya Wolufuramu riboneka i Nyakabingo muri Rulindo, Bwisigye muri Gicumbi, Kagogo muri Burera, Ndiza muri Muhanga, no muri Kanyonza.

Ubwo yagarukaga ku ibuye rya zahabu, Minisitiri yagaragaje ko iboneka muri Miyove na Nyamiyaga mu Karere ka Gicumbi, Ruharambuga na Bushekeri muri Nyamasheke na Bweyeye na Butare muri Rusizi.

Ni mu gihe ibuye rya beleliyumu na litiyumu aboneka Muhanga, Gatumba muri Ngororero, Ruhango, Nyanza, Huye, na Rubavu.

U Rwanda ntirwahwemye kwereka amahanga ko rufite aho rucukura amabuye y'agaciro rwohereza mu bindi bihugu mu gihe DRC ikomeza kurushinja gufasha umutwe wa AFC/M23 kugira ngo ihungabanye umutekano na rwo rwibe amabuye.

Umwaka ushize icyo gihugu cyamaganye amasezerano yo gutunganya amabuye y'agaciro u Rwanda rwari ruherutse kugirana n'Ubumwe bw'Uburayi (EU), ivuga ko ubutaka bw'u Rwanda budafite amabuye y'agaciro y'ingenzi ashakishwa ku Isi arimo koruta, litiyumu n'ayandi.

Urwego rw'Igihugu rw'u Rwanda rushinzwe Mine, Peteroli na Gaz (RMB) ruherutse kubwira itangazamakuru ko kongera agaciro k'amabuye y'agaciro no kuyohera ku isoko mpuzamahanga bizarwinjiriza miliyari 1.3 z'amadorali y'Amerika mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025.

RMB ivuga ko buri gihembwe amabuye y'agaciro azajya yinjiriza u Rwanda miliyoni 325 z'amadolari y'Amerika.

Kuva mu 2021 kugeza 2024, Ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku mpuzandengo 9.1 %, aho imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko umusaruro w'inganda mu kwezi k'Ukuboza 2024 wiyongereyeho 5,7% ugereranyije n'uwari wabonetse mu Kuboza 2023.

Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro umusaruro ukaba wariyongereyeho 2,5% mu Ukuboza 2024.



**U Rwanda rukungahaye ku mabuye y'agaciro**



Imyaka yahinzwemo yarengewe n'imyuzure bihombya abaturage

# Rusizi: Barinubira igihombo baterwa n'igishanga cya Gacamahembe kidatunganyije

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abahinga igishanga cya Gacamahembe kiri mu Mirenge ya Kamembe na Gihundwe, Akarere ka Rusizi baravuga ko hari igice kinini cyacyo kitagihingwa n'igihinzwe ntibizere umusaruro kubera imyuzure kigira mu mvura nyinshi, bagasaba ko cyatunganywa ntigikomeze kubateza igihombo.***

Ni igishanga bavuga ko cyatangiye guhingwa mu myaka ya za 1970, baciyemo umuhanda ukorwa nabi, uyobora amazi mu mirima.

Ati: "Hahingwa agace gato kuko igice kinini cyari urufunzo n'abakoze umuhanda Abadive-Shagasha ukinyuraho bawukora nabi, ikiraro giteza ibyo bibazo ubu bagishyiramo utubize duto ku buryo amazi menshi ahurura iyo atugezemo atabasha gutambuka, yuzura mu gishanga, mu myaka, akabasiga iheruheru."

Bamwe mu bahinzi Imvaho Nshya yasanzeyo bavuze ko n'ubundi imyuzure ya hato na hato yagiye izamo yabahombeje cyane.

Nteziryayo Faustin uhinga mu gice cya koperative ya Kamembe, asobanura impamvu y'igihombo baterwa n'amazi yuzura mu mirima

Ati: "Abakoze umuhanda wa Kaburimbo Cyapa- Gihundwe (ADEPR) amazi yose bayayobereje muri ruhurura iyamena muri iki gishanga kandi ni menshi cyane

, yose akayoboka mu mirima agatwara imyaka, isigaye ikuma kubera kurengerwa n'amazi, tugatahira aho."

Mukangwije Alphonsine wo muri koperative ya Gihundwe, yavuze ko umusaruro wagabanyutse kubera ko imyaka irengerwa n'amazi.

Ati: "Umwaka ushize umwuzure watumye nta na duke nsarura, uyu na wo nari nizeye gusarura nibura ibilo 500 by'ibigori none nta n'ibilo 200 nsaruye kubera ko n'ubundi byarengewe.

Igishanga kiramutse gitunganyije na toni nayisarura."

Rugayampunzi Emmanuel uvuga ko yari yizeye gusarura ibilo nibura 600 by'ibigori akaba atazarenza 200.

Ati: "Iyo dushyizemo imbaraga duhinga imvura ikaducyurira aho umwaka ugashira undi ugataha, nta mpamvu yo gukomeza gutakaza."

Agoronome w'Umurenge wa Kamembe Mugira Gratien avuga ko igishanga cyose gifite hegitari 8,3 cyagombye kwera ibigori, imboga n'indi myaka myinshi Ku buryo kidafite izo mbogamizi umusaruro ukivamo wakwikuba inshuro nibura 2.

Ati: "Ikibazo cyayo ubuyobozi bw'Akarere burakizi kandi kiraremereye kuko gushyira imbaraga nyinshi mu buhinzi n'ibindi byose bikorwa ngo umusaruro uboneke,."

Umuyobozi w'agateganyo w'akarere ka Rusizi Habimana Alfred avuga ko igisubizo cy'iki kibazo kiri hafi.

Ati: "Uriya muhanda uri hafi gutangira gukorwa ukazakemura icyo kibazo burundu kuko ikiraro cyabuzaga amazi gutambuka kizakorwa neza. Ntikizongera guteza igihombo abaturage, babe bihanganye ni igihe gito bigakemuka burundu."

Ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko uko ubushobozi buzagenda buboneka ibishanga bizagenda bitunganywa.

# Musanze: Bamaze imyaka 13 basiragira ku ngurane z'ahanyujijwe amashanyarazi

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Gashake, Akarere ka Musanze, bavuga ko bamaze imyaka 13 basiragira ku ngurane z'ibyangiritse ahanyujijwe umuyoboro w'amashanyarazi, bagasaba ubuyobozi kubafasha kwishyurwa.***

Abo barueage bataka kuba batarahawe ingurane ni 58 bangirijwe imitungo irimo insina n'indi myaka inyuranye, ibiti by'imbuto ziribwa n'amashyamba.

Bavuga ko kuba badahabwa ingurane, byabashyize mu gihombo kigikomeje kuko badahwema gukora ingendo bajyanye icyo kibazo ku buyobozi bw'Akarere ka Musanze.

Uwamahoro Matayo, umwe mu bishyuza, avuga ko ubwo uwo muyoboro w'amashanyarazi wubakwaga bamwangirije imyaka ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 153.

Yagize ati: "Baraje babarura ibyacu batwizeza ko bazatwishyura ariko kugeza ubu amaso yaheze mu Kirere. Nkanjye banyangirije imyaka igizwe n'ibishyimbo ndetse n'ibigori hiyongeraho n'ishyamba. Uko ubuyobozi bw'Akarere budusuye tubugezaho iki kibazo, twifuza ko batwishyura kuko birimo kutugiraho ingaruka mu mibereho yacu."

Mudaheranwa uvuga ko Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) cyamubaruriye bagasanga agomba kwishyurwa ibihumbi 350 by'amafaranga y'u Rwanda.

Nyuma yo kwizezwa ko azahabwa ingurane, Mudaheranwa yagiye muri banki afata inguzanyo kuyishyura bimubera ingorabahizi kuko amaso yaheze mu kirere.

Ati: "Kubera kwizezwa ko nzishyurwa byatumye njya gufata umwenda muri bagenzi banjye ngo umwana ajye ku ishuri bituma mba karyamyenda, banyangirije ibiti by'avoka bigera kuri 7. Byajyaga bimpa udufaranga nkatwifashisha abana bajya ku ishuri, ndifuza ko banyishyura kuko ibyangombwa nasabwaga byose narabitanze."

Umukozi wa REG ishami rya Musanze Regis Batangana, avuga ko iki kibazo atakizi ariko ko agiye kugikurikirana.

Yagize ati: "Iki kibazo gishobora kuba kiriho ariko ntabwo nkizi, gusa ngiye kuganira n'abayobozi b'Umurenge nsabe urutonde rwabo ndebe niba barabariwe imitungo yabo ntibishyurwe, ndetse ndagera no muri One Stop Center, serivisi zishinzwe ingurane."

Umuyobozi w'Akerere ka Musanze Nsengimana Claudien, na we avuga ko iki kibazo atari akizi ariko ko bagiye kugikurikirana.

Yagize ati: "Ubu tugiye kubiganiraho n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Gashaki turebe aho byaba byarapfiriye kugira ngo bamare iyo myaka yose batarahabwa ingurane, kuko buriya abaturage basaga 50 ni benshi kandi ni yo yaba ari umwe byaba bubabaje aramutse avukijwe uburenganzira bwe."

Aba baturage bavuga ko baramutse bishyuwe ibyabo byangijwe byatuma babasha guhindura ubuzima kuko ayo mafaranga bazaba bayaboneye icyarimwe kandi aje kuziba icyuho basigiwe no kwangirizwa imyaka.





# Muhanga: Gasenyi bifuza guhabwa umuriro ufite ingufu kuko uhari utaborohereza mu bucuruzi

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Karere ka Muhanga, Umurenge wa Nyamabuye, Akagali ka Remera by'umwihariko Umudugudu wa Gasenyi, barasaba guhabwa umuriro w'amashanyarazi bavuga ko iyo bigeze mu masaha y'umugoroba bawubura bigatuma bahagarika ibikorwa by'ubucuruzi.***



Abatuye mu Kagali ka Remera mu Mudugudu wa Gasenyi bifuza guhabwa umuriro ufite ingufu

Abo baturage bagaragaza ko ari ikibazo kimaze igihe ndetse ko ngo uko bakoze inama bakivuga ariko kitarakemuka nk'uko babibwiye Imvaho Nshya.

Bamwe mu baturage kandi bahamya ko abana babo batagisubiramo amasomo y'umugoroba ndetse n'abacuruzi bagahita bafunga.

Umwe yagize ati: "Iyo umugoroba ugeze, nkatwe ducuruza, ntabwo tuba tugicuruje kuko umwijima uba mwinshi, ntihabone abakiliya bakabura uko binjira."

Undi yagize ati: "Ntabwo abana bacu bakibona uko biga cyangwa ngo basubiremo amasomo y'umugoroba rwose."

Uwahawe izina rya Gabriel Mudacogora yagize ati: "Ikibazo dufite hano ni icy'umuriro muke. Ntabwo tuzi ahantu bipfira kandi n'iyo duhamagaye ntabwo baza, kugeza ubu hano mu Mudugudu wa Nete, Akagari ka Remera, amasaha y'umugoroba aragera ubwo ibintu bigahagarara kandi ubona amapoto ashinze."

Yakomeje agira ati: "Dukeka ko impamvu y'ibura ry'umuriro iri muri aya mapoto kandi ntabwo twe twabasha kwigirayo atari ababishinzwe ariko twarababuze."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline, yabwiye Imvaho Nshya ko batari bazi iki kibazo kuko ubusanzwe ahari umuriro w'amashanyarazi bari gucana, gusa asezeranya abaturage bo mu Mudugudu wa Gasenyi ko bakurikirana iki kibazo bakabafasha kubona umuriro.

Ati: "Ubusanzwe ku mashanyarazi nta kibazo dusanzwe dufite, ubwo turakurikirana turebe ushobora gusanga aho byatewe n'ikibazo kiri tekinike ariko na cyo turagikemura."

Umuyobozi wa REG mu Karere ka Muhanga Rosine Mukaseti yabwiye Imvaho Nshya ko icyo kibazo abaturage bafite bakizi, agaragaza ko giterwa n'umuriro muke icyakora abizeza ko bagiye kuvugurura umuyoboro bafatiyeho icyo kibazo kigakemuka.

Yagize ati: "Ku kibazo gihari muri Gasenyi tuzi, hari ahantu hari umuriro mukeya ariko dufite gahunda yo kuvugurura umuyoboro tugashyira intsinga nini ku mapoto. Twatanze rero umushinga kugira ngo abayobozi bawutwigire barebe ko batubonera ibikoresho twasabye, tukabafasha bakabona umuriro uhagije. Dutegereje igisubizo bazaduha na twe."

Kugeza ubu mu Karere ka Muhanga, bari ku kigero cya 84% ku ngo zifite umuriro w'amashanyarazi.

# Indwara y'Igituntu ntikwiye kwitiranywa n'amarozi- RBC

HITIMANA Servand

***Abaturage b'Akarere ka Kayonza n'abaturarwanda muri rusange, basabwa kugira umuco wo kwisuzumisha indwara y'igituntu igihe baba babonye ibimenyetso bakirinda kwitiranya iyi ndwara n'amarozi.***

Byagarutsweho ku wa Mbere tariki ya 24 Werurwe 2025, ubwo hizihizwaga umunsi mpuzamahanga wo kurwanya igituntu.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima RBC cyagaragaje ko mu Rwanda abagera ku bihumbi 8 byagaragaweho igituntu mu gihe kingana n'umwaka umwe.

Bamwe mu barwaye iyi ndwara bavuga ko hakiri imyumvire yo kwitiranya igituntu n'amarozi. Ibi ngo biri mu bituma abarwayi barushaho kuremba mu gihe hari ababa bagannye mu bavuzi gakondo.

Gahutu Justin yagize ati: "Nararwaye mbanza kuyoberwa ibyo ari byo. Inka umunani zanjye zarahashiriye nivuza mu bapfumu. Iya nyuma barayimbagishije byansabaga gutwara amaraso yayo ibisigaye barabyitwarira banyizeza ko nza gukira kandi nkagaragarizwa uwandoze"

Uyu muturage akomeza avuga ko yaje kujya kwa muganga ku kaburembe bamusuzumye bamusangamo igituntu, arivuza akomeza gukurikiza inama za muganga, arakira.

Gahongayire Jeanne na we wakize igituntu yagize ati: "Umunsi nk'uyu ukwiye gusigira abantu ubutumwa bwo kumenya ububi bw'indwara y'igituntu no kuzirikana kuyivuza neza mu gihe wayanduye. Ni indwara mbi yandura byoroshye cyane iyo yagufashe ufite abandi mubana."




Umuyobozi w'agateganyo wa Gahunda yo kurwanya igituntu muri RBC, Dr Yves Mucyo Habimana

Umujyanama w'ubuzima, Niragire Irene ukorera mu kigo nderabuzima cya Cyarubare yagize ati: "Tugiye kurushaho kwegera abaturage mu Midugudu yacu aho tuzajya tubasuzuma hanyuma abo dusanganye ibimenyetso byakekwa ku gituntu duhite tubohereza ku kigo nderabuzima."

Abaturarwanda basabwa kugira amakuru nyayo kuri iyi ndwara, bigafasha mu kwirinda ko ikomeza gukwirakwira.

Umuyobozi w'agateganyo wa Gahunda yo kurwanya igituntu muri RBC, Dr Yves Mucyo Habimana yagize ati: "Abantu bakwiye kumenya ko iyi ndwara ari mbi yica, yandura vuba ariko kandi inavurwa igakira. Abantu bareke kwitiranya igituntu n'amarozi. Iyo imenyekanye hakiri kare umuntu aravurwa agakira.

U Rwanda rufite ingamba zo guhangana n'iyi ndwara ndetse no kugabanya imibare yabo ikomeza kwambura ubuzima. Ikindi ni uko ntawukwiye kujya kwivuza mu kinyarwanda asize amavuriro yemewe afite ibikoresho byizewe bituma umenya uko ubuzima buhagaze."

Akarere ka Kayonza kagaragaje imibare iri hasi y'abavuwe igituntu bagakira (85%), ugereranyije n'impuzandengo rusange y'Igihugu ya 90% by'abashyizwe ku miti y'igituntu mu mwaka wa 2022-2023 bagakira.

Iyi ikaba ari yo mpamvu nyamukuru Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima RBC cyatekereje kwizihiriza uyu munsi mpuzamahanga wo kurwanya indwara y'igituntu mu Karere ka Kayonza.

Ku rwego rw'Isi abagera kuri miliyoni 9 bandura igituntu naho abagera kuri miliyoni 2 kikabica.



Abaturage bumvise impanuro-

# Nyagatare: Abiririrwa mu nzoga usanga batagira Mituweli bahwiturirwa kutayigurana agacupa k'inzoga

HITIMANA Servand

***Bamwe mu baturage b'Akarere ka Nyagatare bavuga ko akenshi abantu bazindukira mu nzoga usanga batishyurira Mituweli imiryango yabo, Minisiteri y'Ubuzima yo ikabasaba kudasimbuza nzoga gutanga ubwisungane mu kwivuza bwa Mituweli.***

Abaturage baganiriye na Imvaho Nshya bagaragaza ko abenshi bamaze gusobanukirwa ibyiza bya mituweli, abagiseta ibirenge basabwa kumva inama bagirwa n'ubuyobozi, ntibasimbuze Mituweli agacupa k'inzoga.

Maniriho Onesphore utuye i Nyarurema yagize ati: "Ibyo ubuyobozi butubwira ni byo, ubu turi guhabwa ubuvuzi muri gahunda y'ingabo z'igihugu na polisi ariko udafite mituweli ntacyo bakumarira. Ni kenshi twagiye turwaza tukivuza neza kuko twabaga twizeye ubwishingizi. Hari abigishwa ntibumve vuba ariko ntekereza ko buri wese akwiye guhindura imyumvire."

Mukanyirigira na we yagize ati: "Yego ni byo, uzasanga abantu baramukira mu nzoga ari bo batita ku nshingano z'umuryango zirimo no kuwutangira mituweli. Usanga kandi ari bo barwara ukumva ngo bafatiriwe ku bitaro barabuze ubwishyu. Ubutumwa bw'abayobozi natwe nk'Abajyanama b'ubuzima turakomeza kubigeza ku baturage turebe ko buri wese yagera kuri uyu muhigo wa Mituweli.

Dr Nsanzimana yibukije abaturage ko uburwayi budateguza kandi ko uko igiciro cy'ubuvuzi kirushaho kuzamuka ari ko kubasha kwivuza nta bwisungane bigorana.

Ati: "Dufite ijambo ryiza "ubwisungane"ni ukwisungana nyine, abantu bashyira hamwe ubushobozi utarwaye akavuza uwarwaye.Tubasaba ko mu by'ibanze mugomba kugira mu miryango yanyu muhera ku gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza, Mituweli. Iyo urwaye ukabona ubuvuzi urakora ugakomeza ibikorwa byawe biguteza Imbere. Aho Isi igana igiciro cy'ubuvuzi kirazamuka.Byakugora wikuye mu bandi ukibwira ko uzakigondera."

Akomeza agira atI: "Ntibikwiye ko haba hari abadatanga Mituweli nyamara batarara agacupa. Banza ibifite akamaro kuri wowe no ku bawe utange Mituweli, ziriya nzoga mujye muzoroshya kuko ni mbi ku buzima, zikamura amazi mu mubiri ndetse zikanayakamura mu bwonko ariho ubona umuntu atangira kunywa nta kibazo afite akarangiza yahinduye imyitwarire."

Kugeza ubu ubwitabire mu gutanga ubwisungane mu kwivuza bwa Mituweli Akarere ka Nyagatare kari ku kigero cya 80.6% muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2024-2025. Bivuze ko hari abagera kuri 19% batawutanze n'abawutanze ariko ntibawuzuze.

# Nyamasheke: Bafashwe basengera mu rugo bavuga ko ari Imana yabibategetse

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage 18 bavuga ko basengera mu idini ry'Abera bafatiwe mu rugo rw'umuturage witwa Myavu Erasto w'imyaka 75, babajijwe impamvu barenze ku mabwiriza yo gusengera ahatemewe bavuga ko ari Imana yabasabye kujya badengera mu ngo.***

Abo baturage uko uko ari 18 na nyiri nzu bafatiwe mu Mudugudu wa Gabiro, Akagari ka Mataba, Umurenge wa Shangi, Akarere ka Nyamasheke.

Umuturage wo mu Mudugudu wa Gabiro utuye hafi y'uru rugo bafatiwemo, yabwiye Imvaho Nshya ko abafashwe baturukaga mu Mirenge inyuranye.

Akeka ko hari n'izindi ngo bahuriragamo muri uyu Murenge cyangwa mu yindi ntibamenyekane, cyangwa se aho bateraniye ntibatange amakuu nk'uko byagenze kugira ngo batabwe muri yombi.

Ati: "Bafashwe ku makuru yatanzwe n'abaturage bumvaga muri urwo rugo hari urusaku rw'abantu bumvaga basenga kandi bari barabwiwe kujya batanga amakuru y'abo bumvise basengera mu ngo z'abaturage cyangwa ahanti hatari mu nsengero.Inzego z'umutekano n'abayobozi bahageze, babagwa gitumo babata muri yombi."

Undi muturage ati: "Ni abo mu Mirenge inyuranye kuko harimo 7 bo mu Murenge wacu wa Shangi, 4 ba Ruharambuga, 3 bo mu wa Bushenge na 4 bo mu Murenge wa Giheke Akarere ka Rusizi. Tubona bitari ubwa mbere kuko guhita babonana batyo bidahoraho ntibyari gushoboka, n'iryo dini twasanze tutarizi, ntituzi uko baryinjiyemo ariko nk'ibyo natwe abaturage turabyamagana."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shangi Mukamusabyimana Marie Jeanne, avuga ko bafashwe bakaba barimo kwigishwa, bazagaragaza bumvise ububi bw'ibyo bakora bitemewe bakazarekurwa.

Ati: "Abo bantu koko basanzwe basengera bitemewe mu rugo rw'umuturage, bakavuga ko idini ryabo ari iry'Abera ritazwi, ritanemewe, bavuga ko Imana yababujije gusengera mu nsengero, ngo kereka mu ngo za bagenzi babo."

Avuga ko benshi muri bo atari ubwa mbere bafashwe kuko bajyaga babafata n'ubundi basengera mu ngo ubuyobozi bwabimenya bukabibabuza.

Ati: "Bafashwe kuko ibyo bakoraga bitemewe, kuko kugira Bibiliya n'ibitabo by'indirimbo mu ntoki bitavuze ko aho mwabihuriza hose ngo mugasenga biba byemewe. Ahemewe ni mu nsengero, kiliziya cyangwa imisigiti na bwo bifunguye kuko tutiyibagije ko hari n'insengero zifunze."

Yashimangiye ko hari amabwiriza asobanutse basobanurira abaturage ku birebana no gusengera ahantu hadashyira ubuzima bw'abasenga mu kaga.

Yasabye abaturage kwirinda ababashuka kuko amatsinda nk'aya atangizwa n'abantu bafite inyungu zabo bwite ubundi bagakururiramo abandi bakoresha muri za nyungu zabo.



Abasengera ahatemewe bagirwa inama yo kubicikaho





# Rutsiro: Ikiraro cya Rwishywa gihuza Imirenge 2 cyahagaritse ubuhahirane

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu mirenge ya Mulunda na Gihango yise yo mu karere ka Rutsiro;bavuga ko babangamiwe n'ikiraro cya Rwishywa kibahuza cyangiritse nyuma y'uko imvura idasanzwe igisenye, bakaba basaba ko bacyubakirwa bagakomeza iterambere.***

Aba baturage bavuga ko iki kibazo kimaze imyaka isaga 2, basaba inzego bireba ko basanirwa iki kiraro ariko ngo amaso yaheze mu kirere,ibintu bidindiza iterambere ryabo.

Umwe mu baturage bo mu murenge wa Mulunda wahawe amazina ya Kazamarande Eugene yagize ati: "Twasabye ubuyobozi ko bwadufasha bukatwubakira iki kiraro ariko nta gisubizo tubona, iyo imvura yaguye amazi araza akarengera uyu mugezi, kwambuka aba ari ikibazo gikomeye, ahandi ibiraro barabikoze ariko twebwe twarahebye, twifuza ko batwubakira iki kiraro".



Bifuza ko ikiraro cyasanwa

Mukandengo Seraphine yagize ati: "Ubu guhaha ibintu byiinshi tubikura mu murenge wa Mulunda , mu bihe by'imvura rero ntatwajyanayo imari cyangwa se tube twajya kuyishakayo, ikindi ubu mu bihe by'imvura ntawataha ubukwe bwa mugenzi we, abana kujya ku ishuri ni ikibazo , hari n'abambukira ku mabuye kubera urubobi bakanyerera bakagwamo, twifuza ikiraro hano mu buryo burambye".

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe iterambere ry'ubukungu Uwizyimana Emmanuel avuga ko ikibazo cy'ibiraro byangiritse mu bihe by'ibiza kizwi, ariko ko barimo kwishakamo ingufu nk'akarere kugira ngo harebwe uburyo kiriya kiraro cyakubakwa kimwe n'ibindi cyane ko ngo kugeza ubu habarurwa ibiraro bisaga 20bigomba kubakwa.

Yagize ati: "Iki kiraro na cyo kiri mu byo tugomba kubaka , ariko kubera ko mu bihe by'ibiza hangiritse ibiraro byinshi, aho twaburuye ibiraro bisaga 28, bikeneye kubakwa kuko bigaragara ko bitakubakwa n'umuganda muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2025 twahereye ku biraro 4, iki cya Rwishywa na cyo kiri mu bizubakwa mu buryo bwihutirwa".

Ibi biraro byo muri Rutsiro uko byabaruwe biramutse byubatswe , byaba ari inzira nziza yo gukura abaturagr mu bwigunge ndetse n'akarere muri rusange, kuko imigenderanire n'imihahirane byarushaho kugenda neza.

# Muhanga: Barifuza ko isoko rya Misizi ryakubakwa kuko imvura ibanyagira

UWIZEYIMANA Aimable

***Abarema isoko ry'amatungo rya Misizi riherereye mu Murenge wa Shyogwe mu Karere ka Muhanga, bavuga ko ubuyobozi bukwiye kubafasha rikubakwa bagatandukana no kunyagirwa n'imvura cyangwa ngo bicwe n'izuba.***

Umwe muri abo ukomoka mu Murenge wa Shyogwe isoko ryubatsemo mu Karere ka Muhanga avuga ko kurema isoko rya Misizi mu gihe cy'imvura bigora kuko ritubakiye.

Ati: "Mu gihe cy'imvura biba bigiye muri iri soko kuko urirema imvura ikuri ku mugongo, kandi nta hantu wabona hafi wugama, ku buryo ubuyobozi budufashije rikubakirwa byadushimisha."



Abarema n'abacururiza mu isoko rya Misizi bifuza ko ryasakarwa kuko banyagirwa n'imvura iyo iguye

Mugenzi na we ukomoka mu Murenge wa Mwendo mu Karere ka Ruhango, avuga ko kuzana itungo mu isoko rya Misizi mu gihe cy'imvura biba bigoye kuko ntiwabona aho uryugamana.

Aragira ati: "Jyewe nazanye inkoko n'inkwavu kuko nzorora, ariko naranyagiwe mbura aho nugamana ayo matungo rero ubuyobozi bukwiye kudufasha ririya soko rikubakirwa kuko rifatiye runini benshi by'umwihariko nkatwe dutuye Umurenge wa Shyogwe."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shyogwe Nsengimana Oswald, avuga ko kuri ubu bari kubaka isoko rya Cyakabiri kandi nirimara kuzura hazamurikiraho irya Misizi.

Ati: "Akarere kari kudufasha kubaka isoko ryo mu Cyakabiri kuko naryo ryaremeraga ku gasozi, ariko gahunda ihari ni uko nirimara kuzura hazakurikiraho irya Misizi naryo rikubakwa rikanasakarwa."

Isoko rya Misizi abaririrema bifuza ko ryakubakwa, rikaba abarirema baturuka mu Mirenge ya Nyamabuye, Shyogwe na Muhanga yose yo mu Karere ka Muhanga, hakaba n'abaturuka mu Karere ka Kamonyi mu Mirenge nka Nyarubaka na Musambira hamwe n'abo mu Mirenge ya Byimana, Mbuye na Mwendo mu Karere ka Ruhango, bazana cyangwa baje kugura amatungo magufi nk'ihene, ingurube, inkwavu hamwe n'inkiko.

Imvaho Nshya Imyidagaduro



**Bonhomme yibukije amahanga ko u Rwanda rwanyuze mu bikomeye kuruta ibihano arimo arufatira**

# Bonhomme yasohoye indirimbo yiyama amahanga

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Rwamihare Jean de Dieu uzwi cyane nka Bonhomme, yihanangirije amahanga akomeje kwibasira u Rwanda bitwaje ibibazo by'umutekano muke uri mu Burusasirazuba bwa DRC.***

Uyu muhanzi umaze kubaka izina mu bihangano bivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ibisingiza Ingabo zari iza FPR Inkotanyi kubera ubutwari bwo kubohora Igihugu zikanacyubaka bundi bushya.

Abinyujije mu ndirimbo nshya yise 'Uru Rwanda rwanyuze mu bimene by'amacupa' yamenyesheje amahanga ko nta na rimwe u Rwanda ruzakangwa n'ibihano rufatirwa kubera ko ibyo rwanyuzemo bikomeye.

Muri iyo ndirimbo yagize ati: "Uru Rwanda rwanyuze mu bimene by'amacupa ntidushobora gutinya ibimene by'ibicuma, u Rwanda ntiruzongera kuba ingaruzwamuheto, abadushukisha ibiryo ngo twe tubahe Igihugu ugende ubambwirire ko u Rwanda rutari ku isoko."

Ikomeza igira iti: "Abaririmba intambara ngo buracya batera u Rwanda nimugwa mu kamashu ntimuzasaze imigeri, u Rwanda si inguzanyo umutekano w'uru Rwanda tuzawubera ibitambo, Ibyo kudutererana nta gitangaza kirimo mwadusize no mu rupfu nyamara dukomeza umutsi."

Ni indirimbo imaze iminsi ine isohotse ikaba imaze kurebwa n'abasaga ibihumbi 12, ibitekerezo by'abayikunze 52 n'abayikunze 214.

Bonhomme azwi cyane mu ndirimbo zitandukanye zirimo nkumbuye Inkotanyi, Ijambo rya nyuma, Iyaba mugihari n'izindi.

# Essy Williams yahakanye ibyo gukundana na Nel Ngabo

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umusizi Umulisa Esther ukoresha amazina ya Essy Williams, unabarizwa mu itsinda ry'Ibyanzu, yahakanye amakuru avugwa ko yaba ari mu munyenga w'urukundo n'umuhanzi Nel Ngabo.***



**Imwe mu mafoto Nel Ngabo yasangije abamukurikira zigatera urujijo**

Ni amakuru yagiye atangazwa hashingiwe ku mafoto Nel Ngabo yari yasangije abamukurikira ku mbuga Nkoranyambaga ari kumwe n'uyu mukobwa, ayaherekeresha amagambo avuga ko ari inshuti ye magara bamaranye igihe.

Mu gushaka kumenya ukuri kuri ayo makuru, Imvaho Nshya yaganiriye na Essy Williams ayihakanira ko nta mubano wihariye udasanzwe uri hagati ye na Nel Ngabo.

Yagize ati: "Ayo makuru ntabwo ari yo, ni nshuti yanjye tumaranye igihe, ariya mafoto mwabonye ni nkuko inshuti zisanzwe zifatana amafoto."

Akomoza ku buryo inshuti n'umuryango waba warabyakiriye, Umulisa avuga ko abantu be basanzwe bazi ko ari inshuti nta kidasanzwe babibonyemo.

Ati: "Abanjye ba hafi basanzwe babizi ko turi inshuti, usibye abatabizi byarabatunguye ariko abantu bacu bahafi wabonaga bitabatunguye, ntabwo byakozwe kugira ngo nteguze igisigo kuko simbyizereramo, ahubwo nizera ko iyo umuntu yakoze igihangano cyiza ntabwo aba akeneye gukora ibyo bintu."

Umulisa avuga ko yari kwifashisha uburyo bwo gukururira abantu mu mafoto agamije guteguza igisigo cye gishya 'Rungano' iyo nibura aza kuba yarakoresheje Nel ngabo mu mashusho yacyo, kandi atari we yakoresheje.

Nubwo adahakana ko Nel Ngabo yujuje indangagaciro zose z'umusore yifuza ko bakubakana, ariko uyu musizi avuga ko nta rukundo rwihariye ruri hagati yabo bombi, kuko hari n'igihe abantu baba inshuti ariko kubana nk'umugore n'umugabo ntibikunde.

Aba bombi bahamya ko ari inshuti nziza kandi zimaranye igihe zifitanye umubano uzira amakemwa.

Inkuru y'urukundo rw'aba bombi yatangiye kuvugwa tariki 19 Werurwe 2025, ubwo Nel Ngabo yari amaze gushyira ahagaragara amafoto yabo, akagaragaza ko yishimiye umubano bafitanye.

Essy Williams ni umusizi ubarizwa mu byanzu akaba abifatanya no guhanga imideli kuri ubu akaba afite igisigo yise 'Rungano', mu gihe Nel Ngabo we aherutse gushyira ahagaragara indirimbo ebyiri zirimo iyo yise 'Si' na 'Best Friend', zarabimburiye alubumu yakoranye na Platini izajya ahagaragara muri Kamena 2025.



**Imwe mu mafoto Nel Ngabo yasangije abamukurikira zigatera urujijo**





# Ikipe ya Police VC yatsinze iya APR VC

***Ikipe ya Police VC yatsinze iya APR VC amaseti 3-0 (25-17,25-18,25-23) mu mukino wa mbere mu nyuma ya Kamarampaka mu guhatanira igikombe cya shampiyona y'Icyiciro cya mbere muri Volleyball mu bagabo.***

Uyu mukino wabaye mu ijoro ryo ku wa Gatandatu tariki ya 29 Werurwe 2025, kuri Petit Stade yari yuzuye abafana.

Uyu mukino wabanjirijwe n'uwo guharanira umwanya wa gatatu aho 'ikipe ya Kepler VC yatsinzwe na REG VC amaseti 3-2 (22-25, 22-25, 25-21, 25-21, 11-15) itera intambwe yo kwegukana uyu mwanya.



**Ikipe ya Police VC yatsinze iya APR VC amaseti 3-0**

Hakurikiyeho umukino wa nyuma wari witezwe cyane wahuje ikipe ya Police VC mu bagobo na APR VC.

Biyoroheye cyane ikipe ya Polisi y'Igihugu yatsinze iy'Ingabo amaseti 3-0 itera intabwe yo kwegukana igikombe cya shampiyona ku nshuro ya mbere.

Muri uyu mukino, Ikipe ya Polisi y'Igihugu yatangiye iri hejuru cyane ndetse yegukana iseti ya mbere ku manota 25-17.

Mu Iseti ya kabiri, Police VC yakomeje kurusha cyane APR VC yagorwaga no kugarira neza bitewe n'amakosa ya bamwe mu bakinnyi. Iyi seti yayegukanye ku manota 25-18.

Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yasubiranye imbaraga mu iseti ya gatatu iyiyobora igihe kinini ariko bageze mu manota 15 batangira kunganya.

Mu mpera z'iyi seti, Ikipe ya Polisi yongeye kuyobora ndetse iyitsinda ku manota 25-23.

Umukino warangiye Police VC yatsinze APR VC amaseti 3-0.

Iyi mikino izasozwa muri Gicurasi hakinwa umukino wa kabiri ndetse hashobora kwitabazwa umukino wa gatatu mu gihe ikipe yatsinzwe uwa mbere yaba itsinze uwa kabiri.

# Mukura VS yatsinze Rayon Sports

***Mukura VS yatsinze Rayon Sports igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa 22 wa Shampiyona wabereye Kuri Stade Amahoro, Kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 29 Werurwe 2025.***

Mbere yo gutangiza umukino wafashwe umunota wo kwibuka umunyamakuru akaba n'umukunzi ukomeye wa Rayon Sports Jean Lambert Gatare witabye Imana wa ku wa 22 Werurwe 2025 azize uburwayi.

Ikipe ya Rayon Sports yari yakiriye umukino ni yo yatangiye isatira izamu rya Mukura VS.

Ku munota wa 09' Rayon Sports yashoboraga gufungura amazamu ku ishoti rikomeye ryatewe na Rutahizamu Biramahire Abeddy ku mupira yari ahawe na Muhire Kevin, ariko Sebwato Nicholas akaawukuramo neza.

Ku munota wa 12' Mukura VS yabonye uburyo bwa mbere ku mupira watakajwe na Richard Ndayishimiye mu kibuga hagati, ufatwa na Dimboumba ashatse kuroba Khadime umupira ujya hanze.

Ku munota wa 23 yahushije uburyo bwiza bwo gutsinda igitego ku mupira watakajwe na Mukura VS, usanga Muhire Kevin ateye mu izamu uca ku ruhande gato.

Abakinnyi ba Mukura VS bari bagowe cyane n'ikibuga cya Stade Amahoro kubera atari cyo basanzwe bakiniraho byatumaga banyerera hafi kuri buri mupira bafashe bivuze ko inkweto zabo bishoboka ko zitaremewe ikibuga cy'ubwatsi.

Ku munota wa 33' Rayon Sports yafunguye amazamu ku igitego cyatsinzwe na Abbedy Biramahire ku mupira yahawe na mugenzi we kuwukora n'akaboko.

Nyuma y'ibiganiro hagati y'umusifuzi Cucuri n'umwungirije bahitamo kwanga iki gitego kandi bari babanje kucyemera.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira Umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 45+1' Rayon Sports yabuze amahirwe yo gufungura ku ishoti rikomeye ryatewe na Iraguha Hadji ariko kapiteni Sebwato araryama ashyira umupira muri Koruneri. Iyi na yo itewe nez a gusa ubwugarizi bwa Mukura bushobora gukiza izamu.




**Abakinnyi ba Mukura VS bishimira igitego batsinze Rayon Sports**

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije 0-0.

Mu igice cya kabiri, Mukura VS yagarukanye imbaraga itangira izamu rya Rayon Sports nubwo itabonaga uburyo bukomeye yaremaga ku izamu ryari ririnzwe na Khadime.

Ku munota wa 60' Rayon sports yakoze impinduka Aziz Bassane na Kanamugire Roger basimbura Rukundo Abdulrahim na Daffe .

Ku munota 66' Mukura VS yakinaga yahushije igitego cyabazwe ku mupira watewe na Mensah utakajwe Rayon Sports ufatwa na Mensah ateye mu izamu ntiyashobora kubona inshundura ahubwo aramurura.

Ku munota 75' Mukura VS yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Samson Ayilara Oladosu ishoti rikomeye yatereye inyuma y'urubuga rw'amahina maze Khadime Ndiaye wari wasohotse ntiyagira icyo akora.

Nyuma yo gutsindwa igitego Rayon Sports yakomeje gushaka icyo kwishyura harimo uburyo bwa Ndayishimiye Richard yabonye inyuma y'urubuga rw'amahina ashatse gushota mu izamu ubwugarizi bwa Mukura buritambika bushyira umupira muri Koruneri itagize icyo itanga.

Umukino warangiye Mukura VS yatsinze Rayon Sports igitego 1-0.

Yari inshuro ya Kabiri yikurikiranya Mukura VS itsinze Rayon Sports muri Shampiyona ya 2024-2025, mu mukino ubanza i Huye yari yatsinze ibitego 2-1.

Rayon Sports yakomeje kuyobora Shampiyona n'amanota 46 irusha APR FC ya kabiri ane mbere y'uko Ikina na Vision FC ku cyumweru.

APR FC iramutse itsinze uyu mukino hasigaramo amanota abiri y'ikinyuranyo.

Mukura VS yafashe umwanya wa Gatanu n'amanota 33.

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

Imvaho Nshya
# Siporo

NO .E-6 TARIKI 25-31 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze Vision FC igarura icyizere ku Gikombe cya Shampiyona

**SHEMA Ivan**

***APR FC yatsinze Vision FC ibitego 2 kuri 1 mu mukino w'umunsi wa 22 wa Shampiyona, igarura icyizere ku Gikombe cya Shampiyona.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki ya 30 Werurwe 2025, kuri Kigali Pélé Stadium witabirwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda akaba na Chairman w'Icyubahiro wa APR FC, Gen Mubarakh Muganga.

APR FC yagiye gukina uyu mukino isabwa gutsinda kugira ngo isigazemo ikinyuranyo cy'inota rimwe hagati yayo na Rayon Sports iyoboye Shampiyona.

Vision FC na yo yari ikeneye amanota atatu yo kuyifasha gukomeza kugira icyizere cyo kuguma mu cyiciro cya mbere.

Uburyo bwa mbere bwabonetse ku munota wa 6 ku ruhande rwa Vision FC ku mupira wahinduwe na Cyubahiro Idarusi nyuma yo kuzamukanwa na Musa Esenu, ukurwamo neza na Ishimwe Pierre.

Ku munota wa 18, APR FC yabonye penaliti ku mupira Ruboneka Bosco yashyize mu rubuga rw'amahina, Ouattara ashatse kuwutanga umunyezamu, agushwa na Stephen Bonney.

Iyo penaliti yinjijwe na Djibril Ouattara Cheick ku mupira yateye mu ruhande rw'ibumoso mu gihe umunyezamu yagiye iburyo.



**Intsinzi ya APR yatumye yigirira icyizere mumarushanwa y'Igikombe cya Shamyiyona**

Ku munota wa 25, APR FC yahushije uburyo bw'igitego ku mupira Mamadou Sy yacomekewe na Niyomugabo Claude mu rubuga rw'amahina, awutera nabi ujya hanze.

Nyuma yo gutsinda igitego, Vision FC yahinduye umukino itangira gusatira izamu rya APR FC harimo Rugangazi Prosper, ateye ishoti rinyura ku ruhande rw'izamu.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira umusifuzi wa kane, yongeyeho iminota ibiri y'inyongera

Ku munota wa 45+1, Vision FC yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira wahinduwe na Rugangazi Prosper mu rubuga rw'amahina, usanga Cyubahiro Idarusi asumba abakinnyi ba APR FC, akozaho umutwe, umupira ujya mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1.

Mu igice cya kabiri, APR FC yatangiranye impinduka Niyibizi Ramadhan asimbuye Lamine Bah.

APR FC yakomeje gusatira ishaka igitego cya kabiri harimo umupira Ouattara yacomekeye Ndayishimiye Dieudonne yinjira mu rubuga rw'amahina, awuhinduye imbere y'izamu, Mamadou Sy na Ruboneka bananirwa kuwukina.

Ku munota wa 65, APR FC yongeye kubona uburyo bw'igitego ku mupira Mugisha Gilbert yahaye Niyigena Clement ateye ishoti rikomeye, rifatwa n'umunyezamu wa Vision FC.

APR FC yarushaga Vision yabonye amahirwe yo kubona igitego cya kabiri ku munota wa 74, ku mupira Denis Omedi yananiwe kuroba umunyezamu wa Vision FC mbere y'uko na Mamadou Sy atera umupira n'umutwe ukajya hejuru y'izamu.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino APR FC yakomeje gushaka igitego cya kabiri harimo umupira Denis Omedi yahawe mu rubuga rw'amahina, ananirwa kuwukina neza, awutera hanze.

Ku munota wa 84, APR FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Mamadou Sy nyuma y'uko ubwugarizi bwa Vision FC bugowe no gukuraho umupira ahita uwushyira mu rushundura, ahagurutsa abakunzi ba APR FC bari benshi.

Mbere y'uko umukino urangira, umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 90+2, Vision FC yabonye uburyo bwo kwishyura ku mupira uteretse watewe na Nshimiyimana ufatwa neza na Ishimwe Pierre ahita awuryamira.

Umukino warangiye APR FC itsinze Vision FC ibitego 2-1, ibona amanota atatu y'ingenzi mu rugendo rwo guhatanira Igikombe cya Shampiyona.

APR FC yagize amanota 45 ku mwanya wa kabiri, irushwa inota rimwe na Rayon Sports ya mbere nyuma y'imikino 22 imaze gukinwa.

Vision FC yagumye ku mwanya wa nyuma n'amanota 16.

Indi mikino yabaye kuri uwo munsi, Kiyovu Sports yatsinze Police FC igitego 1-0, ikomeza kugira icyizere cyo kutazamanuka mu cyiciro cya kabiri aho irushwa na Marines FC ya 14 amanota abiri nyuma y'aho inganyije na Etincelles 0-0.



**Mamadou Sy yatsinze igitego cyagaruriye icyizere APR FC mu rugamba rwo gushaka igikombe cya shampiyona**